# Imvaho Nshya

Soma Usobanukirwe Buri Munsi

Nº. E-59 TARIKI 4-10 GICURASI 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw






AMAKURU

Ubukerarugendo bwinjirije u Rwanda asaga miliyari 997 Frw mu 2025



2

AMAKURU

Sobanukirwa iby'umuhanda wa gari ya moshi uhuza u Rwanda na Tanzania



7

MU NTARA

Kwica abagore n'abana wari umugambi wo kurimbura Abatutsi-Ubuhamya bwa Uwimana



13

IMYIDAGADURO

Davido agiye gushimirwa guteza imbere umuziki w'Abirabura ku Isi



22


# Perezida wa Comoros yashyikirijwe ubutumwa bwa Perezida Kagame



Perezida Azali Assoumani yashyikirijwe ubutumwa bwa mugenzi we w'u Rwanda Paul Kagame

NTAWITONDA Jean Claude

***Perezida w'Ubumwe bwa Comores, Azali Assoumani yakiriye ubutumwa bwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda Paul Kagame, burimo n'ubumusaba gushyigikira kandidatire ya madamu Louise Mushikiwabo uhatanira kongera gutorerwa kuyobora Umuryango w'Ibihugu bikoresha Igifaransa (OIF).***

Ubwo butumwa bwa Perezida Kagame bwatwawe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo Hon Nkilikiyinka Christine wagiriye uruzinduko rw'akazi mu gihugu cyva Comoros guhera ku wa Gatanu tariki ya 8 Gicurasi 2026.

Bukubiyemo kandi ukwiyemeza k'u Rwanda mu kurushaho gusigasira no kwimakaza umubano uzira amakemwa, ubushuti n'ubwubahane busangiwe hagati y'ibihugu byombi.

Ibindi biganiro Minisitiri Nkulikiyinka yagiranye na Perezida wa Comoros byibanze ku gukomeza kwimakaza ubutwererane no kwimakaza ubufatanye bw'Akarere mu gushyigikira iterambere rirambye n'ubu-


KOMEZA KU RUP.3


# Impinduka zitezwe ku Kigo cy'ikoranabuhanga gitubura imbuto mu Rwanda

NTAWITONDA Jean Claude

***Uko abaturage b'u Rwanda biyongera ni ko n'ibyo bagomba kurya bikeneye kurushaho kwiyongera, ari na yo mpamvu u Rwanda rwatangiye gushyira mu bikorwa ingamba zo gukemura ibibazo by'umutekano w'ibiribwa bishobora kugendana n'ubwo bwiyongere.***

Imibare y'agateganyo y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) igaragaza ko abaturage b'u Rwanda bazaba bageze nibura kuri miliyoni 23 bitarenze mu 2052, bavuye kuri miliyoni zisaga 14 z'abaturage babarurwa kugeza uyu munsi.

Mu gihe aba baturage biyongera, ubuso batuyeho bakanakuraho ibibatunga ntibuhinduka, ari na yo mpamvu u Rwanda rwatangiye gutegura uburyo bugezweho bwo kongera umusaruro hifashishijwe ikoranabuhanga.

Ubuyobozi bw'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Guteza imbere Ubuhinzi n'Ubworozi (RAB) bwemeza ko nka bumwe mu buryo bwo gushaka igisubizo kirambye, bitarenze mu mwaka utaha wa 2027 u Rwanda ruzaba rufite Ikigo cy'Ikoranabuhanga mu gutubura no gutunganya imbuto


KOMEZA KU RUP.3

# Ubukerarugendo bwinjirije u Rwanda asaga miliyari 997 Frw mu 2025

SHEMA Ivan

***Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) rwatangaje ko urwego rw'ubukerarugendo rwinjirije u Rwanda, milayiri 997 z'amafaranga y'u Rwanda (Miliyoni 685 z'amadolari z'Amerika) mu 2025, avuye kuri miliyari 947 (miliyoni 647 z'amadolari z'Amerika) mu 2024.***

Byasohowe muri raporo ngarukamwaka y'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) y'umwaka wa 2025, igaragaza ishusho y'ishoramari, ubukerarugendo, ibyoherezwa mu mahanga, ndetse n'ubundi bucuruzi. Ni izamuka ryagizwemo uruhare n'abashyitsi miliyoni 1.49 bingana n'izamuka 11% basuye u Rwanda bakuruwe n'ibyiza nyaburanga birimo Pariki z'Igihugu zitandukanye.

Harimo kandi Inama Mpuzahanga n'imurikabikorwa byinjirije u Rwanda asaga miliyari 141 (miliyoni 94.7 z'amadolari y'Amerika), zivuye ku yasaga miliyari 123 (miliyoni 84.8 z'amadolari z'Amerika) mu 2024 bingana n'izamuka rya 11% ku mwaka.

Mu bikorwa by'ingenzi byabaye muri 2025, harimo Shampiyona y'Isi y'Amagare (UCI Road World Championships 2025) yabereye bwa mbere muri Afurika muri Nzeri, Move Afrika, i Kigali yitabiriwe n'umuhanzi John Legend; Inama mpuzamahanga ihuza ibigo by'ikoranabuhanga izwi nka (Mobile World Congress: MWC), imikino ya Basketball African League yakinwe ku nshuro ya gatanu n'ibindi.

IyI raporo yagaragaje ko ibi bikorwa byagize uruhare rukomeye mu kongera umubare w'abasura u Rwanda, kongera kumenyekanisha igihugu ku rwego mpuzamahanga no guteza imbere urwego rw'ubukerarugendo rushingiye ku nama.

Ku bijyanye n'ibyoherezwa mu mahanga raporo ya RDB igaragaza ko agaciro k'ibyo u Rwanda rwoherezayo kari miliyari 3.6 z'amadolari, ashingiye ku mikorere ihamye mu by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'ubuhinzi bw'indabo n'imbuto.

Serivisi zoherezwa mu mahanga ziyongereyeho 2.7% ku mwaka, bikomeza kongera uruhare rwazo mu bukungu. Ubwikorezi bwo mu kirere bw'ibicuruzwa (air cargo) bwiyongereyeho 2.4% bugera kuri toni 6,257, buvuye kuri toni 6,113 mu 2024, bikomeza gufasha u Rwanda kugera



Ubukerarugendo bukomeje kugira uruhare mu iterambere ry'u Rwanda

ku masoko mpuzamahanga arimo u Burayi n'Uburasirazuba bwo Hagati.

U Rwanda rwakomeje gukoresha ubufatanye bufatika binyuze muri gahunda ya Visit Rwanda mu kongera kumenyekanisha izina ryarwo ku rwego mpuzamahanga no kureshya ba mukerarugendo n'abashoramari. Mu 2025, u Rwanda rwongereye amasezerano y'ubufatanye na Paris Saint-Germain kugeza mu 2028, ndetse rwasinye amasezerano mashya y'imyaka itatu na Atlético de Madrid azageza mu 2028.

Hari kandi amasezerano y'igihe kirekire n'amakipe arimo Los Angeles Clippers na Los Angeles Rams azageza mu 2030. Ni amasezerano yitezweho kongera kumenyekanisha u Rwanda ku rwego mpuzamahanga, gukurura ba mukerarugendo bafite ubushobozi n'abashoramari no gukomeza guteza imbere ishoramari n'Urwego rw'Ubukerarugendo bushingiye ku Nama n'Imurikabikorwa (MICE).

# RSB yasinyanye amasezerano y'imikoranire mu ngendo zo mu kirere na ASECNA



Hasinywe amasezerano y'imikoranire mu ngendo zo mu kirere

NYIRANEZA Judith

***Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge, RSB, cyasinyanye amasezerano y'imikoranire n'Ikigo gishinzwe umutekano no kuyobora ingendo z'indege muri Afurika no muri Madagascar (ASECNA), agamije gutanga serivisi z'ibirango by'ubuziranenge ku mikorere na serivisi (ISO 9001).***

Ni amasezerano yashyiriweho umukono mu Mujyi wa Kigali, kuri uyu wa Gatanu tariki ya 8 Gicurasi 2026 mu nama yari iteraniyemo inzobere zagarutse ku itangwa rya serivisi z'ibirango by'ubuziranenge ku bihugu 18 byo muri Afurika n'u Bufaransa. Umuyobozi Mukuru wa RSB Raymond Murenzi, yavuze ko mu gihe cy'imyaka 3 Inzobere zizagenzura niba hubahirizwa amabwiriza y'ubuziranenge.

Yagize ati: "Ibizakorwa rero ni ugukoresha inzobere zacu z'u Rwanda mu kujya kureba no kugenzura niba koko amabwiriza y'ubuziranenge twavuze yubahirizwa muri ibyo bihugu 18 cyane cyane muri izo serivisi za ASECNA, aho hose tuzahagera ni ahantu hagera kuri 24 muri ibyo bihugu 18 tuzahagera muri iki gihe cy'imyaka 3 kugira ngo turebe yuko ayo mabwiriza yubahirizwa."

Mu rwego rw'ubuziranenge, ubwo bufatanye bugaragaza uko u Rwanda rufite ubushobozi mu gutanga serivisi zujuje ibisabwa ku rwego mpuzamahanga, akaba ari na yo mpamvu tuzabigenzura. Yagize ati: "Icyo tuzakora tuhageze ni ukureba aho koko ibyo bipimo byerekana neza ibyo tureba, na bo barabizi twarabyumvikanye, na bo bagiye kwitegura hanyuma twe tuzagende tureba ko babyubahiriza."

Yakomeje asobanura ko ibigaragaye, ari byo bituma hatangwa ikirango cy'ubuziranenge. Ati: "Iyo babyubahiriza tubaha ikirango cy'ubuziranenge gitangwa n'u Rwanda, iyo batabyubahiriza na bwo tuba twarahanye igihe kugira ngo bubahirize ibyo bisabwa mu gihe runaka. Iyo babigezeho ni bwo tubaha icyemezo gikoreshwa ku rwego mpuzamahanga ushobora kwereka abakugana bakemeza ko koko ibijyanye n'ubuziranenge byubahirijwe."

Umuyobozi Mukuru w'Ikigo gishinzwe guteza imbere serivisi n'imikorere y'ibibuga by'indege muri Afurika na Magdagascar, M. Prosper Zo'o Minto'o yavuze ko gukomeza kubungabunga ubuziranenge mu mikorere ari ingenzi mu kurinda umutekano w'ingendo zo mu kirere.

Yagize ati: "Abagenerwabikorwa bacu bagomba gutanga serivisi zujuje ubuziranenge, ari ku mupilote n'ibigo bitanga serivisi z'indege, kuko bose bakeneye umutekano [.....] twemeza ko biri gukorwa neza bikanafasha abandi gukomeza kunoza serivisi bitanga umutekano ku ndege, no ku bakozi n'abagenerwabikorwa."

Ikigo gishinzwe umutekano no kuyobora ingendo z'indege muri Afurika no muri Madagascar (ASECNA) kigizwe n'ibihugu 19 birimo 18 bya Afurika ari byo Benin, Burukina Faso, Cameroun, Cetrafrique, Comores, Congo, Cote d'Ivoire, Gabon, Guinee Bissau, Gunee Equatoriale, Madagascar, Mali, Mauritanie, Niger, u Rwanda, Senegal, Tchad, Togo hakiyongeraho u Bufaransa.

# Perezida wa Comoros yashyikirijwe ubutumwa bwa Perezida Kagame

IBIKURIKIRA URUP.1

rumbuke busangiwe.

Muri uru ruzinduko rwari rugamije kurushaho gushimangira umubano n'ubutwererane bikomeje gushinga imizi hagati y'u Rwanda n'Ibirwa bya Comoros, Minisitiri Nkulikiyinka yanaganiriye n'Umuryango w'Abanyarwanda baba mu Birwa bya Comoros.

Yanagiranye ibiganiro kandi na Said Mohamed Ali Said, Minisitiri ushinzwe Urubyiruko, Umurimo, Siporo, Ubuhanzi n'Umuco w'Ibirwa bya Comoros.

Ibiganiro byabo byibanze ku ngingo zifitiye inyungu ibihugu byombi, ndetse n'amahirwe yo kurushaho guteza imbere ubufatanye hagati y'u Rwanda na Comoros, cyane cyane mu bijyanye n'umurimo, guhanga imirimo no guteza imbere imitangire ya serivisi za Leta.

Ibi biganiro kandi byongeye gushimangira akamaro ko gukomeza ubufatanye no gusangira ubunararibonye mu rwego rwo guteza imbere inzego za Leta zikora neza no kugera ku iterambere rirambye mu mibereho n'ubukungu.

Umubano w'u Rwanda n'Ibirwa bya Comores (Ubumwe bwa Comores) wifashe neza kandi uragenda urushaho gukomera, hashingiwe ku masezerano y'ubutwererane yasinywe muri Mutarama 2023. Ibihugu byombi bifatanya mu nzego zirimo ubukungu, uburezi, umuco, n'umutekano.

Tariki ya 16 Mutarama 2023, u Rwanda n'Ibirwa bya Comores byasinyanye amasezerano rusange y'ubutwererane agera ku nzego zitandukanye zifitiye akamaro abaturage bo ku mpande zombi, akaba yarafunguye amarembo y'ubufatanye mu bya tekiniki, siyansi, ubukungu, n'imari.

Ibirwa bya Comores byagaragaje ubufatanye n'u Rwanda mu bikorwa by'umutekano, aho tariki 13 Mata 2019, uwitwa Callixte Nsabimana (Sankara) yafatirwaga muri icyo gihugu ku bufatanye n'u Rwanda.

Ibihugu kandi byiyemeje gufatanya no mu nzego zirimo imikino, ndetse n'izindi zifitiye akamaro abaturage b'u Rwanda n'ab'Ubumwe bwa Comoros.

# Impinduka zitezwe ku Kigo cy'ikoranabuhanga gitubura imbuto mu Rwanda

IBIKURIKIRA URUP.1

z'indobanure zihanganira imihindagurikire y'ibihe.

Ni ikigo cyitezweho kuzura gitwaye miliyari zisaga 10 z'amafaranga y'u Rwanda kizaba ari cyo cya mbere mu Karere, kikazafasha cyane mu kongera umusaruro w'ubuhinzi, kurwanya indwara zibasira ibihingwa no guhangana n'ingaruka z'imihindagurikire mu buryo burambye.

Cyitezweho gutangira gifasha mu gutegura imbuto y'ibihingwa bitatu byongerewe ubushobozi ari byo insina, ibirayi n'imyumbati ariko bikazakomeza kwiyongera, kugira ngo umutekano w'ibiribwa urusheho kubungabungwa hifashishijwe ikoranabuhanga rigezweho rirushaho kongera ubudahangarwa bw'utunyangingo tw'ibihingwa.

Ubuyobozi bwa RAB buhamya ko icyo kigo kizishingikiriza cyane ku ikoranabuhanga ry'ibinyabuzima rifasha abahanga mu bya siyansi gutubura imbuto zitanga umusaruro mwinshi cyane, ari na ko hagabanywa ibyago byo kwibasirwa n'indwara cyangwa ibyonnyi byiyongera uko bukeye n'uko bwije.

Ni umushinga witezweho impinduka zikomeye mu Gihugu kuko uzarushaho kongerera imbaraga uruhererekane rw'ibiribwa, uhereye ku gutunganya imbuto zishobora gufasha abahinzi mu bihingwa bikenerwa cyane n'abaturage mu buzima bwa buri munsi.

Uyu mushinga uje mu gihe u Rwanda rukomeje gushora imbaraga nyinshi mu ikoranabuhanga rigezweho mu buhinzi, hagamijwe guharanira kongera umusaruro no gushyigikira umubare munini w'abahinzi bato n'abaciriritse batunzwe gusa n'ubuhinzi.



Imbuto zituburwa hifashishije ikoranabuhanga zikomeza kwiyongera buri mwaka

Kuri ubu iryo koranabuhanga ryatangiye kugeragerezwa kuri Sitasiyo y'Ubushakashatsi ya RAB ya Rubona mu Majyepfo n'iya Musanze mu Majyaruguru, aho abahanga mu bya siyansi bakomeje kubona umusaruro w'ubushakashatsi bwabo mu gutubura imbuto y'imyumbati, insina, ibijumba, ibirayi n'ikawa ihingwa rimwe (hybrid coffee).

Imibare ituruka muri RAB igaragaza ko u Rwanda rukomeje gutera intambwe ishimishije mu gutubura imbuto hifashishijwe ikoranabuhanga rigezweho, kuko mu mwaka wa 2023/2024, hatubuwe imbuto miliyoni 2 z'ibirayi, izibarirwa mu 12,450 z'insina ndetse n'izindi ibihumbi n'ibihumbi z'imyumbati n'ibijumba.

Iyo mibare kandi yerekana ko u Rwanda rwakomeje kongera ubushobozi uko imyaka ishira indi igataha, kuko nko mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020/2021 Laboratwari zo kuri Sitasito ya Rubona zatubuye imbuto miliyoni 1.48 z'ibirayi, imbuto 14,203 z'imyumbati, imbuto 9,760 z'ibijumba ndetse n'imbuto 7,375 z'insina za kijyambere.

Gatunzi Felix, umushakashatsi wa RAB ukora mu ishami rishinzwe ikoranabuhanga mu buhinzi, asobanura ko ubwo bushakashatsi babukorera ku musaruro w'ubuhinzi wavuye mu masambu y'abaturage maze bakawukuramo imbuto zongerewe ubushobozi kandi zishobora guhunikwa zikongera guhingwa, atari nk'izo bamwe basanzwe bafite zihingwa rimwe (hybrid).

Yagize ati: "Dukoresha utunyangingo tw'igihingwa n'amababi yacyo mu kurema imbuto zikura vuba kandi zigatanga umusaruro ufatika, bitandukanye n'umusaruro uva mu buhinzi busanzwe."

Avuga kandi ko bakomeje kwibanda cyane ku gukora imbuto y'imyumbati n'iy'ibirayi kuko izihari zagiye zihura n'ibyorezo ndetse n'ibyonnyi bitandukanye.

Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi MINAGRI, Dr. Olivier Kamana avuga ko iri koranabuhanga rihangana n'imihindagurikire y'ibihe ryiswe BIOCAP, rigamije gutanga umusaruro ufatika mu gihe ingaruka z'imihindagurikire zihindagurika, indwara n'ibyonnyi bikiyongera.

Ahamya ko iki kigo cy'icyitegererezo cyateguriwe kubakwa muri ISAR Rubona, kikazaba igisubizo kirambye ku bushakashatsi bukorwa mu buhinzi bukenewe mu Karere, aho bizagabanya imbuto z'ibihingwa zitumizwa mu mahanga.

Ati: "Ibi bizadufasha kugabanya gukomeza kwishingikiriza ku mbuto zitumizwa mu mahanga, binafashe abahinzi kugera ku mbuto z'indobanure zikorewe mu Rwanda."

Ubuhinzi buracyafatiye runini imibereho myiza y'abaturage n'ubukungu bw'u Rwanda, kuko ari bwo buha akazi umubare munini w'Abanyarwanda.

Impuguke mu by'ubuhinzi zizera ko iki kigo kizatanga umusanzu ukomeye mu kugera ku mpinduramatwara ikenewe mu buhinzi bugezweho mu Rwanda no muri Afurika.



Abakozi ba LODA bavuga ko kwibuka no kwiga amateka bibafasha mu nshingano zo gukunda Igihugu

# Kwibuka 32: Abakozi ba LODA basabwe gukomera ku bumwe bw'Abanyarwanda

MUTETERAZINA Shifah

***Abakozi b'Ikigo gishinzwe Guteza imbere Ibikorwa by'Iterambere mu Nzego z'ibanze (LODA) n'abafatanyabikorwa bacyo bahawe umukoro wo gukomera ku bumwe bw'Abanyarwanda no kurandura ingengabitekerezo ya Jenoside.***

Ni bimwe mu byari bikubiye mu butumwa bahawe kuri uyu wa Gatanu tariki 8 Gicurasi 2026, ubwo bibukaga ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bagasura urwibutso rwa Jenoside rwa Kigali.

Dukuzeyezu Anathalie wari ufite imyaka 8 muri Mata 1994, avuga ko gusura urwibutso bakiga amateka bibafasha kuzuza inshingano bafite zo gukunda Igihugu no kukirinda.

Ati: "Nkubu turi kumwe n'abavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 cyangwa abari impinja, gusura urwibutso bidufasha guha agaciro abishwe bakambuwe kandi bikanafasha abatarabonye Jenoside kumenya uko yakozwe n'uko yateguwe bikadufasha gukora inshingano yacu yo gukunda Igihugu no kuyarinda bitewe no kumenya amateka yacu."

Mu butumwa bagejejweho n'umuyobozi ushinzwe Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Ubudaheranwa muri MINUBUMWE, Hon. Uwera Kayumba Alice harimo gukomera ku bumwe bw'Abanyarwanda no kurandura ingengabitekerezo ya Jenoside.

Yagize ati: "Bimwe mu byo twatahana harimo gukumira no kurwanya Jenoside nk'inshingano za buri Munyarwanda, kurandura ingengabitekerezo ya Jenoside bibe intego. Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahagaritswe n'Abanyarwanda amahanga arebera, ni byiza ko turwanya abifuza kugarura amacakubiri. Ubumwe bwacu ni zo mbaraga zacu."

Hon. Uwera yanashimiye LODA uruhare yagize mu bikorwa byatumye habaho ubudaheranwa ku barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi binyujijwe mu bikorwa by'iterambere birimo no guhabwa ingoboka kuri bamwe.

Ati: "Ndashimira LODA ku byo idufasha kuko ishami ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa ribarizwamo icyahoze ari FARG n'icyahoze ari Komisiyo y'Ubumwe n'Ubwiyunge bimwe mu byo rikora harimo ibifasha abarokotse Jenoside kongera kubaho."

"[…] abahabwa inkunga y'ingoboka, gahunda y'amacumbi, kuko hari abatarabona aho batura, gahunda yo kwivuza ndetse n'imishinga iciriritse, aha ni ho duhurira na LODA kandi ibyinshi murabidufasha cyane."

Umuyobozi Mukuru wa LODA, Nyinawagaga Claudine, yashimangiye ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, atari umugani kandi ko kwibuka ari inshingano zabo kugira ngo ibyabaye bitazasubira ukundi.

Ati: "Ndashaka kuvuga gusa ko Jenoside atari umugani. Kera twumvaga imigani y'udushwiriri, Maguru ya Sarwaya n'indi... iyo ni imigani, ariko Jenoside yakorewe Abatutsi ntabwo ari umugani, ni ubwicanyi bwateguwe bukorerwa Abatutsi bitewe na Leta mbi yashyize imbere amacakubiri."

Yakomeje ati: "Kwibuka ni inshingano yacu nk'Abanyarwanda bidufasha kwigira ku mateka yacu mabi kandi tuzahora twibuka nk'uko buri mwaka tubigenza, tubumbatire ubumwe bwacu nk'Abanyarwanda nta ndorerwamo z'amacakubiri nta rwango."

Ubushakashatsi Minisiteri y'ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano mboneragihugu yakoze mu 2025, bwagaragaje ko ubumwe bw'Abanyarwanda bwiyongereyeho 13% bivuze ko bwageze kuri 95% buvuye kuri 82.3% bwariho mu 2010. Ubwo bushakashatsi kandi bwagaragaje ko 99% by'Abanyarwanda bemeje ko kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi bifite uruhare rukomeye mu kubaka ubwiyunge bw'Abanyarwanda.

# Minisitiri Dr. Nsengiyumva yahagarariye Perezida Kagame mu irahira rya Perezida Ismaïl Omar

IMVAHO NSHYA

***Minisitiri w'Intebe, Dr. Nsengiyumva Justin yahagarariye Perezida wa Repubulika Paul Kagame mu muhango w'irahira rya Perezida wa Djibouti, Ismaïl Omar Guelleh, uherutse kongera gutorerwa kuyobora iki gihugu.***

Uyu muhango wabaye kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 9 Gicurasi 2026, witabirwa n'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma, abayobozi bakuru zihoraho zigamije kureba amahirwe yo kwaguriramo ubufatanye.

Ibihugu byombi byari bisanzwe bifitanye andi masezerano y'ubufatanye mu guteza imbere ubucuruzi, ubwikorezi bwo mu kirere, ikoranabuhanga, umutekano w'ishoramari no gukuriraho abadipolomate ikiguzi cya 'visa'.

Hashingiwe ku mubano mwiza uri hagati y'ibi bihugu, Djibouti yahaye u Rwanda hegitari 60 z'ubutaka burimo uburi hafi y'icyambu n'ubundi buri mu



Umuhango witabiriwe n'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma muri Afurika no ku Isi

mu nzego zitandukanye n'abatumirwa baturutse mu karere no mu bindi bihugu byo hirya no hino ku Isi.

Mu ijambo rye, Perezida Guelleh yavuze ko yiyemeje gukora atizigamye kugira ngo Djibouti irusheho gutera imbere kandi ko azimakaza ubufatanye n'ibindi bihugu byaba ibyo muri Afurika no hanze yayo. Omar Guelleh watsinze amatora yabaye ku wa 10 Mata 2026 ku majwi 97,81%, ari kuyobora manda ya gatandatu, aho yatangiye kuyobora iki gihugu mu 1999.

Umubano w'u Rwanda na Djibouti umaze igihe kinini uhagaze neza. Impande zombi, zibinyujije muri komisiyo ihuriweho yo ku rwego rwa Minisiteri zihurira mu nama cyanya cyahariwe ubucuruzi, na rwo ruyiha ikibanza cya hegitari 10 mu cyanya cy'inganda i Masoro.

Muri Werurwe 2026, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane w'u Rwanda, Ambasaderi Olivier Nduhungirehe, yakiriwe na mugenzi we wo muri Djibouti, Abdoulkader Houssein Omar, baganira ku mubano w'ibihugu byombi.

Minisitiri Nduhungirehe na Abdoulkader banarebeye hamwe ahari amahirwe yo kwagurira ubufatanye hagamijwe inyungu z'ibihugu byombi. Icyo gihe kandi Minisitiri Nduhungirehe yahuye na Perezida wa Djibouti, amugezaho ubutumwa bwihariye yahawe na Perezida Paul Kagame.

# U Rwanda rwanenze MONUSCO yamaganye ibitero itagaragaje ababigabye



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe Olivier

NTAWITONDA Jean Claude

***Guverinoma y'u Rwanda yanenze ubuyobozi bw'Ubutumwa bw'Umuryango w'Abibumbye bwo kubungabunga amahoro muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (MONUSCO) bwamagana ibitero by'indege nto zitagira abasivili bigabwa ku basivili ariko ntihagaragazwe ko byagabwe n'ingabo za Leta (FARDC) n'abambari bazo.***

Ku wa Gatanu tariki ya 8 Gicurasi 2026, ni bwo ibitero by'indege nto zitagira abapilote biheruka kugabwa n'Ingabo za Guverinoma ya Congo (FARDC) ku baturage batuye muri Teritwari ya Masisi, bigahitana abasaga 30 abandi batagira ingano bagakomereka.

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Nduhungirehe Olivier, yavuze ko bibabaje kuba MONUSCO yamagana ibitero byagabwe na Guverinoma ya Congo ariko ikirinda kubagaragaza mu matangazo isohora.

Minisitiri Nduhungirehe yaboneyeho gutanga ingero za hafi aho MONUSCO yagiye itangazaho ubwicanyi ariko ikirengagiza nkana guhwitura ababukoze.

Ku wa 2 Mutarama 2026, ingabo za FARDC zagabye igitero muri Santeri ya Masisi, mu bice bicungirwa umutekano na M23, byatwaye ubuzima bw'abasivili 10 abandi barenga 50 barakomereka.

Amb. Nduhungirehe ati: "MONUSCO yamaganye iki gikorwa ariko ntiyagaragaza abagikoze kandi abashinzwe ubutasi ba MONUSCO bahise babamenya byoroshye, ahubwo bagarukira gusa ku gusaba iperereza na ryo ritigeze ribaho."

Ku wa 11 Werurwe na bwo, indege nto zitagira abapilote za FARDC zarashe mu Mujyi wa Goma zica batatu barimo n'umukozi w'Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Bana (UNICEF) ukomoka mu Bufaransa, Karine Buisset.

Amb. Nduhungirehe yavuze ko mu matangazo yanditswe muri rusange icyo gihe kandi adasobanura ibintu neza, harimo n'iryatanzwe na MONUSCO yamaganaga icyaha cy'intambara ariko ntiyagaragaza abagikoze kandi iperereza bakoze ryarabiberekaga.

Yavuze kandi ko n'igitero cyagabwe ku wa Gatanu mu gace ka Mushaki muri Teritwari ya Masisi cyishe abasivili 30 kigakomeretsa abarenga 60, nanone MONUSCO ikongera kwamagana igikorwa ariko itagaragaza abagikoze.

Minisitiri Amb. Nduhungirehe avuga ko imwe mu mpamvu batabagaragaza ari uko ari abambari babo.

Akomeza agira ati: "Ibyo byose kandi mbivuze ntashyizeho ibitero bya buri munsi bigabwa na FARDC i Minembwe no mu bindi bice byo muri Kivu y'Amajyepfo, bigasenya imiryango y'Abanyamulenge, aho batuye n'amatungo yabo."

Aha ni ho yahereye yibaza ingano y'ibitero FARDC izagaba ku basivili maze MONUSCO n'Umuryango Mpuzamahanga bigakanguka maze Perezida Félix Antoine Tshisekedi Tshilombo n'ingabo ze bakabibazwa.

Akomeza agira ati: "... cyangwa ibi ni byo bisobanura ya mvugo yamamaye igira iti: 'Amabuye y'Agaciro y'Amaraso?'"

**Ni iki gitera Umuryango Mpuzamahanga guhishira ibyaha by'intambara bikorwa na FARDC?**

Impuguke mu bya Politiki mpuzamahanga zigaragaza ko imwe mu mpamvu MONUSCO n'Umuryango Mpuzamahanga muri rusange birengagiza ibitero bya FARDC ku basivili, ari uburyo bwo kwibasira ihuriro AFC/M23 riharanira kugarura ituze no gucubya akajagari kamaze imyaka irenga 30 muri Congo.

Umuryango Mpuzamahanga wirengagiza impamvu shingiro z'ibibazo by'umutekano muke mu Karere, ugashinja M23 kuba nyirabayazana w'amakimbirane akomeje gufata intera mu Burasirazuba bwa Congo, ibyo bikaburizamo ibyaha by'intambara bikorwa n'ingabo za Leta FARDC.

Indi mpamvu igarukwaho ni uko FARDC ari abafatanyabikorwa b'akadasohoka b'Ingabo za MONUSCO zimaze imyaka irenga 20 muri icyo gihugu ariko zitagaragaza umusaruro mu kubungabunga amahoro.

Kuba MONUSCO yarafashije ingabo za FARDC kugeza n'uyu munsi, bituma itabona imbaraga zo kuzigaragaza nk'abanyabyaha cyangwa ngo yerure ko ari bo bakomeje kuba umuzi w'ibibazo bisa nk'ibyaburiwe umuti.

Nanone kandi, RDC nk'igihugu gikungahaye ku mabuye y'agaciro, Umuryango Mpuzamahanga wirinda kwiteranya kugira ngo utikura amata ku munwa, nk'uko umugani w'Ikinyarwanda ugira uti, "Aho ujishe igisabo ntuhatera ibuye."

Umuryango mpuzamahanga nanone ucibwa intege n'uko umaze kurambirwa gutanga ubufasha budatanga umusaruro ufatika, aho ingamba zimwe na zimwe zigenda zinafatwa mu kugabanya inkunga zitangwa mu bikorwa by'ubutabazi kuko icyizere cyo gukemura ibibazo kigenda kiyoyoka mu gihe Abanyekongo ubwabo badafata iya mbere mu kwishakamo ibisubizo.

Ikindi kigora amahanga mu gufata ibyemezo ni uburyo Ingabo za Leta ya Congo zaremye imitwe yitwaje intwaro zikanakorana n'indi mitwe y'iterabwoba mu kurushaho kongera ibibazo by'umutekano muke mu Burasirazirazuba bwa Congo.

# U Rwanda ruri mu biganiro by'ubufatanye n'Ikigo gikomeye cy'ubuvuzi muri USA




**Guverinoma y'u Rwanda irateganya gufatanya n'ikigo cya Clevaland Clinic mu iterambere ry'ubuvuzi**

**ZIGAMA Theoneste**

***Guverinoma y'u Rwanda iri mu biganiro byo gushyiraho imikoranire ihamye na Cleveland Clinic, kimwe mu bigo by'ubuvuzi bya Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) bikomeye kandi bizwi ku rwego ku Isi, mu rwego rwo gukomeza guteza imbere serivisi z'ubuzima mu gihugu.***

Ku wa Gatatu, tariki ya 6 Gicurasi, Minisitiri w'Ubuzima, Dr. Nsanzimana Sabin, yakiriye intumwa za Cleveland Clinic hamwe n'abahagarariye Ambasade ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika i Kigali, bagirana ibiganiro bigamije guteza imbere ubufatanye mu rwego rw'ubuzima mu Rwanda.

Minisiteri y'Ubuzima yatangaje ko ibiganiro byibanze ku mishyikirano iri gukorwa ku bufatanye n'icyo kigo cy'ubuvuzi ndetse no ku buryo bwo kurushaho kwimakaza ubufatanye mu guhanga udushya mu buvuzi, ubushakashatsi no guteza imbere serivisi z'ubuzima.

Cleveland Clinic ni ikigo cyigisha amasomo y'ubuvuzi ajyane n'ububyaza kidaharanira inyungu, kiri mu bitaro bikomeye kandi byubashywe ku Isi. Iki kigo gihuza ubuvuzi busanzwe n'ubushakashatsi ndetse n'uburezi, kikaba kizwi cyane mu guteza imbere guhanga ibishya mu buvuzi no gutanga serivisi z'ubuvuzi bwihariye.

Cleveland Clinic yashinzwe mu 1921 nk'ikigo cy'ubuvuzi gihuriyemo inzobere mu byiciro bitandukanye. Kugeza ubu, ifite ibitaro 23, ibigo nderabuzima byakira abarwayi bivuza bataha birenga 300 ndetse n'ibitanda birenga 6,700 hirya no hino ku Isi, byose bikaba bifite abakozi barenga 83,000.

Mu 2025, iki kigo cyavuye abarwayi miliyoni 3.6 ndetse cyakira ubusabe bwa serivisi z'ubuvuzi miliyoni 15.9, harimo gusuzuma abarwayi, inama z'ubuvuzi n'izindi serivisi zitandukanye. Iki kigo kandi gikora ubushakashatsi mu buvuzi ndetse kigahugura abazaba abakozi bo mu rwego rw'ubuzima mu gihe kiri imbere.

Ubu bufatanye bw'icyo kigo n'u Rwanda buje mu gihe rukomeje kwiyubaka hagamijwe ko ruba igicumbi cy'ubuzima mu Karere k'Afurika y'Iburasirazuba, binyuze mu gutanga serivisi z'ubuvuzi, ubukerarugendo bushingiye ku buvuzi ndetse no guhanga udushya mu rwego rw'ubuzima, himakazwa gushora imari mu bikorwa remezo by'ubuvuzi bigezweho no mu bufatanye mpuzamahanga.

**IMVAHO NSHYA**

# U Rwanda ruzakira inama y'Akarere y'Inzego zirwanya ruswa mu 2027

***U Rwanda rwatoranyijwe nk'ahantu hazateranira Inama ya 17 y'Inteko Rusange y'Ihuriro ry'Inzego Zirwanya Ruswa muri Afurika y'Iburasirazuba (EAAACA) mu kwezi kwa Werurwe k'umwaka utaha wa 2027.***

Ni ibyagarutsweho mu nama zikomeye zihuje inzego zishinzwe kurwanya ruswa n'abafatanyabikorwa bo mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba zabereye i Nairobi muri Kenya kuva ku wa 21 kugeza ku wa 24 Mata 2026.

Izo nama zirimo iya EAAACA, Inama Rusange ya 16, Inama y'Inteko Nyobozi (EXCOM), Inama Mpuzamahanga ku Kurwanya Ruswa, ndetse n'Inama Rusange (ARIN-EA).

Urwego rw'Umuvunyi rw'u Rwanda rwitabiriye izi nama, ruhagarariwe n'Umuvunyi Mukuru Madamu Nirere Madeleine, aho zari zigamije kurushaho gushimangira ubufatanye hagati y'ibihugu, gusangira ubunararibonye, kunoza imikorere no kongera imbaraga mu gukumira no kurwanya ruswa n'ibindi byaha bifitanye isano nayo.

U Rwanda, nk'umunyamuryango ukomeye wa EAAACA, rukomeje kugira uruhare rugaragara mu guteza imbere




**Abahagarariye inzego zirwanya ruswa mu Karere bahuriye i Nairobi muri Kenya**

indangagaciro z'ubunyangamugayo, kubazwa inshingano no guteza imbere imiyoborere myiza haba mu gihugu no mu Karere.

Mu muhango wo gutangiza Inama yiga ku kugaruza umutungo wakomotse ku byaha no kurwanya iyezandonke, Umuvunyi Mukuru Madamu Nirere Madeleine yashimangiye ko kugaruza umutungo wanyerejwe bidakwiye kugarukira ku gusubiza amafaranga cyangwa indi mitungo yibwe gusa, ahubwo ko ari inzira yo kongera icyizere abaturage bafitiye Inzego no gutanga ubutabera.

Yagize ati: "Kugaruza umutungo mu buryo bunoze si ugusubiza ibyanyerejwe gusa, ahubwo ni ugusubiza icyizere abaturage no gutanga ubutabera."

Muri izi nama kandi, u Rwanda rwongeye kugaragaza icyizere rufitiwe mu buyobozi bw'Inzego z'Akarere zirwanya ruswa, aho rwatorewe kuyobora ARIN-EA, runatorerwa kuba Visi Perezida wa EAAACA.

Ibi byemezo bishimangira uruhare rw'u Rwanda nk'igihugu cyiyemeje gukomeza guharanira imiyoborere myiza, gukorera mu mucyo no gukumira ruswa ku rwego rw'Akarere no ku rwego mpuzamahanga.

Mu bipimo biheruka bya 2025 by'Umuryango Mpuzamahanga ushinzwe gukumira no kurwanya akarengane na ruswa (Transparency International), u Rwanda rwabonye amanota 58 ku 100 arushyira ku mwanya wa 41 mu bihugu 182, umwanya wa 3 ku rwego rw'Afurika n'Umwanya wa 1 mu Karere k'Iburasirazuba.

Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

# Ijambo ry'Ibanze

## Gari ya moshi izafasha u Rwanda nk'igihugu kidakora ku nyanja

Mu gihe u Rwanda rukomeje urugendo rwo kwiyubaka rushingiye ku bukungu burambye, gari ya moshi ni igikorwa gitegerezanyijwe amatsiko kuko kizagira uruhare rukomeye mu guhindura ubukungu bw'Igihugu.

U Rwanda ni igihugu kidakora ku nyanja, ibintu bituma ubwikorezi n'ubucuruzi muri rusange bigira ikiguzi kiremereye ugereranyije n'ibihugu bikora ku nyanja.

Mu gihe hakoreshwa amafaranga menshi mu gutwara ibicuruzwa byinjira n'ibijya mu mahanga binyuze ku byambu bya Mombasa muri Kenya na Dar es Salaam muri Tanzania, gari ya moshi ni kimwe mu bisubizo by'ingenzi kuko itwara imizigo n'abantu benshi icyarimwe ku giciro gito kandi mu buryo bwizewe.

Kubaka umuhanda wa gari ya moshi uhuza u Rwanda n'ibindi bihugu byo mu Karere bizafasha Igihugu kugabanya ikiguzi cyo gutwara ibicuruzwa, byihutishe ubucuruzi ndetse binongere ubushobozi bw'abashoramari.

Ibi bizafasha ibikorerwa mu Rwanda kubona amasoko yo hanze byoroshye, ndetse n'ibitumizwa mu mahanga bikagabanya ibiciro ku isoko ry'imbere mu Gihugu.

Ikindi kandi, gari ya moshi ni uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu burengera ibidukikije ugereranyije n'imodoka nini zitwara imizigo. Mu gihe Isi ihanganye n'imihindagurikire y'ikirere, guteza imbere uburyo bwo gutwara abantu n'ibintu busohora imyuka mike yangiza ikirere ni intambwe ikomeye mu gushyigikira gahunda y'u Rwanda yo kubungabunga ibidukikije no kubaka ubukungu butangiza ibidukikije.

Gari ya moshi kandi ishobora kugira uruhare rukomeye mu kongera ubukerarugendo no guteza imbere imijyi. Ahanyura gari ya moshi hakunze kuvuka ibikorwa by'ubucuruzi, inganda n'imiturire mishya. Ibi bitanga akazi ku baturage, bikazamura imibereho yabo ndetse bikagabanya ubucucike mu Mijyi minini.

Nubwo ishoramari muri gari ya moshi risaba amafaranga menshi n'ubufatanye bw'ibihugu byo mu Karere, inyungu z'igihe kirekire ziruta kure ikiguzi cyayo, ari na yo mpamvu u Rwanda rwihaye intego yo kuba igicumbi cy'ubucuruzi n'ishoramari mu Karere.

**Ubwanditsi**

# Sobanukirwa iby'umuhanda wa gari ya moshi uhuza u Rwanda na Tanzania



**Umuhanda wa gari ya moshi uhuza U Rwanda na Tanzania, hashize imyaka 25 utekerejwe**

**KAMALIZA Agnes**

***Nyuma y'imyaka irenga 25 u Rwanda na Tanzania batekereza ku mushinga wo kubaka umuhanda wa gari ya moshi, (Standard Gauge Railway, SGR Isaka-Kigali) bikagenda bikomwa mu nkokora n'amikoro n'izindi mbogamizi; ubu Ibihugu byombi byiteguye kwihutisha uwo mushinga.***

Umuhanda wa gari ya moshi wa kilometero 571, biteganyijwe ko uzatwara miliyari 2.5 z'amadolari ya Amerika, witezweho koroshya urujya n'uruza haba urw'abantu ndetse n'ibicuruzwa n'ubuhahirane bw'Ibihugu byombi.

Umuvuno mushya wo kwihutisha uwo mushinga washimangiwe n'uruzinduko Perezida w'u Rwanda, Paul Kagame aherutse kugirira muri Tanazania ku wa 03 Gicurasi, aho yaganiriye na mugenzi we wa Tanzania Samia Suluhu Hassan kongera ubufatanye mu bucuruzi n'ibikorwa remezo n'uwo mushinga ukihutishwa.

Uwo muhanda wa gari ya moshi uzoroshya ibiciro by'ubwikorezi unafungure amahirwe mashya y'ubucuruzi; aho u Rwanda rugaragaza ko uzagabanya hagati ya 40% na 60% ku giciro cy'ubwikorezi rwatangaga, binoroshye urwo rugendo rw'ibyo rwohereza mu mahanga n'ibyo ruvanayo.

Kwihutisha uwo muhanda kandi biherutse gushimangirwa na Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane bw'Afurika y'Iburasirazuba muri Tanzania Mahmoud Thabit Kombo, wavuze ko ibihugu byombi byiyemeje gushyira uyu mushinga mu ngiro.

Ubwo yari mu nama yahuje Komisiyo Ihoraho Ihuriweho n'u Rwanda na Tanzania yabaye ku wa 26 Nyakanga 2025, Minisitiri Kombo yashimangiye akamaro ka gari ya moshi ihuza ibihugu byombi , yongeraho ko ibirebana na tekiniki, inyigo ndetse n'igenamigambi rijyanye n'ahazanyura iyo nzira, byaganiriweho ku rwego rw'Abaminisitiri muri Tanzania.

Ubuyobozi bw'Akarere ka Kirehe bugaragaza ko ubu hakomeje kugaragara umuvundo mu muhora uhuza Rwanda na Tanzania aho amakamyo arenga 600 yambuka umupaka wa Rusumo buri munsi, bikaba bikubye kabiri ugereranyije n'imibare yo mu myaka itatu ishize.

Raporo y'Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare,(NISR) yiswe 'Formal External Trade in Goods report (Q4,2023) yagaragaje ko mu gihembwe cya kane cya 2023, u Rwanda rwatumije muri Tanzania ibicuruzwa bifite agaciro ka miliyoni 228.26 z'amadolari ya Amerika, akaba ari cyo gihugu cya kabiri u Rwanda rutumizamo ibicuruzwa byinshi nyuma y'u Bushinwa.

Kuva mu 2,000 ni bwo umuhanda wa gari ya moshi uhuza u Rwanda na Tanzania watangiye kuganirwaho. Icyo gihe Ibihugu byombi byatangiye gushyira imbaraga mu biganiro byo kuwubaka, ndetse u Rwanda ni bwo rwari rutangiye gushyira mu bikorwa intego y'icyerekezo 2020 (Vision 2020), rwiyemeza gushyira imbere ibikorwa remezo bigezweho n'imikoranire n'ibihugu byo mu Karere k'Ibiyaga Bigari ariko uwo mushinga uza gukomwa mu nkokora n'amikoro make.

Mu mwaka wa 2007, ibiganiro by'uwo mushinga byongeye gusubukurwa ndetse hakorwa inyigo n'ubugenzuzi aho u Bushinwa bwakoze iy'ibanze, ndetse muri Nzeri uwo mwaka sosiyete y'u Buhinde yitwa 'RITES Ltd' yari yarahawe uburenganzira bwo gucunga imihanda ya gari ya moshi muri Tanzania, yatangiye kugaragazwa nk'izagira uruhare muri uyu mushinga.

Gusa icyo gihe uyu mushinga wari ugifatwa nk'umushinga w'ibihugu bitatu (Tanzania-Rwanda-Burundi), wari ugamije kwagura inzira yo mu muhora wo hagati (Central Corridor) kugira ngo ihuze icyambu cya Dar es Salaam n'ibihugu bidakora ku nyanja.

Icyakora ibiganiro bya 2007 byaje guhura n'inzitizi zirimo amasezerano Tanzania yari ifitanye na RITES Ltd yajemo kidobya bituma umushinga udindira wongera guhabwa imbaraga nshya mu 2018. Muri Mutarama 2018, uwari Perezida wa Tanzania, Dr. John Pombe Magufuli yahuriye i Dar-es-Salaam na Perezida Paul Kagame bongera kwemeranya ko uwo mushinga ugomba gushyirwa mu bikorwa.

Mu 2019 ibiganiro bya nyuma ku nyigo yawo byari bigeze kure, aho byari byitezwe ko hagati ya 2019-2021 hazaba hamaze kuboneka ubushobozi na rwiyemezamirimo ndetse ukazubakwa bitarenze mu 2022.

Gusa kuva icyo gihe Tanzania yatangiye kubaka igice cyayo giherereye ku cyambu cya Dar es Salaam nubwo byagiye bidindira ndetse mu 2024, u Rwanda rwashinze imbago zerekana inzira uyu muhanda wa gari ya moshi uzanyuramo.

U Rwanda na Tanzania bisanzwe bifitanye umubano w'igihe kirekire ushingiye ku bukungu, ubucuruzi, imishinga migari y'iterambere, ubufatanye mu by'Ingabo, ubuhinzi, ikoranabuhanga, uburezi n'ibindi.

Ubucuruzi bwakomeje kwaguka hagati y'impande zombi aho kuva mu 1990, kugeza muri Werurwe 2026, ibigo by'ishoramari 42 byo mu Rwanda, byanditswe muri Tanzania; rikaba ari ishoramari rifite agaciro ka miliyoni 325,5 z'amadorali y'Amerika.

Ibyo bigo bikaba byarahaye akazi abarenga 2,225 mu nzego zirimo inganda, ubwikorezi, urwego rw'imari, umutungo kamere n'ubukerarugendo.

# Abadepite batoye itegeko rishya rigenga amatora



**Abadepite batoye itegeko ngenga rigenga amatora mu Rwanda**

**ZIGAMA Theoneste**

***Inteko Ishinga Amategeko Umutwe w'Abadepite yatoye itegeko ngenga rigenga amatora rishya aho uburyo Abajyanama b'Uturere n'Umujyi wa Kigali batorwagamo bugiye guhinduka bakajya batorwa mu buryo buziguye aho kuba ubutaziguye. Ni itegeko ryatowe kuri uyu wa Gatanu tariki ya 8 Gicurasi 2026, nyuma y'aho umushinga waryo wari wakorewe ubugororangingo n'abagize Sena.***

Itegeko ngenga rigenga amatora ryashyizweho mu 2019, rimaze kuvugururwa inshuro eshatu, aho rigiye kuvugururwa ku nshuro ya kane. Ubwo hemezwaga umushinga w'iryo tegeko muri Werurwe 2026, Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Habimana Dominique, yabwiye Abadepite ko iri tegeko rigiye kuvugururwa hagamijwe kunoza imigendekere y'amatora mu bihe biri imbere cyane cyane ay'inzego z'ibanze u Rwanda rurimo kwitegura.

Muri iryo Itegeko ngenga hateganyijwe ko amatora y'Abajyanama rusange umunani ku rwego rw'Akarere akorwa mu buryo buziguye. Bitewe n'imiterere y'Inama Njyanama yahindutse ubu abajyanama rusange b'Akarere bakaba ari umunani, yerekanye ko kubatora mu buryo buziguye bizatuma abaturage bose batuye Akarere badasiragizwa mu matora, ahubwo bagahagararirwa n'abo bitoreye bagize inteko itora.

Muri iryo tegeko hari kandi inteko zitora abayobozi b'Inzego z'ibanze ku rwego rw'Akarere n'urw'Umujyi wa Kigali zakuwemo hateganywa ko zizajya zigenwa n'Iteka rya Perezida, hagamijwe ko itegeko ngenga ritavugururwa buri gihe bibaye ngombwa ko abagize inteko itora bahinduka uko hagize igihinduka mu miterere n'imikorere y'Inzego z'ibanze.

# Abagore bihariye 55% y'ibigo by'ubucuruzi mu Rwanda



**Abagore bacuruza imbuto bikabateza imbere**

**IMVAHO NSHYA**

***Raporo y'Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) ya 2025 igaragaza ko abagore bafite ibikorwa by'ubucuruzi byanditswe bingana na 58,042; aho ibigera kuri 55% ari iby'abagore. RDB ivuga ko ibi bishimangira uruhare rukomeye rw'abagore mu bucuruzi buto n'ubuciriritse, ndetse bikerekana uburyo bakomeje kwinjira cyane mu bikorwa byo kwihangira imirimo no kongera ubushobozi bwo kwinjiza amafaranga.***

Mu mwaka wa 2025 kandi, iyandikwa ry'ibigo by'ubucuruzi ryazamutse ku buryo bugaragara, aho ibigo by'ubucuruzi byo mu gihugu byiyongereyeho 32.7%, mu gihe ubucuruzi bw'umuntu ku giti cye bwazamutseho 16.4%.

Ibi byerekana ko ibikorwa byinshi by'ubucuruzi bikomeje gukorera mu buryo bwemewe n'amategeko, ndetse bikagaragaza izamuka ry'ishoramari n'iterambere ry'ubucuruzi muri rusange. Guverinoma yakomeje gushyira imbaraga mu guteza imbere uburinganire mu rwego rw'abikorera no gushyigikira abagore bakora ubucuruzi, ibintu byagize uruhare mu kongera umubare w'abagore binjira muri uru rwego.

Nubwo bimeze bityo ariko, abagabo baracyiganza mu bigo binini by'ubucuruzi. RDB igaragaza ko abagore bafite 35% by'imigabane shingiro ku bigo by'ubucuruzi, aho abagore bafite imigabane ari 19,795 ugereranyije n'abagabo 36,844. Ikinyuranyo kiracyagaragara no mu buyobozi bw'ibigo, kuko abagore bangana na 35% by'abayobozi b'ibigo, ni ukuvuga 24,013, mu gihe abagabo ari 44,579.

Urwego rw'ubucuruzi kandi rwakomeje kwaguka rufashwa no koroherezwa kubona serivisi z'imari. Iyandikwa ry'inguzanyo zitangirwa ingwate ryiyongereyeho 19.4% ugereranyije na 2024, ahanini bitewe n'izamuka ry'inguzanyo zitangirwa ku mitungo itimukanwa.

Inguzanyo zitangirwa ku mitungo yimukanwa ziyongereyeho 1%, mu gihe izitangiwe ku mitungo itimukanwa ziyongereyeho 20.5%, ibintu bigaragaza ko icyizere mu gushora imari hifashishijwe umutungo nk'ingwate gikomeje kwiyongera.

# Ibitangaje kuri Munyana ukora 'massage' afite ubumuga bwo kutabona

**KAMALIZA Agnes**

***Hari bamwe bazi ko akazi k'iyakuramyakura kazwi nka 'massage' gakorwa n'abantu babona gusa, bagatekereza ko umuntu ufite ubumuga bwo kutabona atagashobora. Uko nanjye ni ko natekerezaga, ariko naje gutungurwa ndetse mpindura imyumvire nkimara kumva ko hari abantu bafite ubumuga bwo kutabona bakora massage, bituma ntegura uruzinduko rw'igitaraganya njya guhinyuza ko ibivugwa ari ukuri.***

Nazindutse kare cyane nerekeza mu Karere ka Gasabo, ahitwa muri Ivy Wellness Studio, hatangirwa massage z'ubwoko butandukanye ari naho hakorera umukobwa ufite ubumuga bwo kutabona witwa Munyana Sauda.

Munyana avuka mu Karere ka Kicukiro, nyuma yo gusoza amashuri yisumbuye, yagiye kwiga umwuga wo gukora 'massage' aho yabyize imyaka ibiri, (2022-2024) ahabwa impamyabushobozi ubundi atangira urugendo rwo gushaka akazi.

Agaragaza ko icyamuteye gufata umwanzuro wo kwiga uwo mwuga ari umubyeyi we warwaraga imitsi aho byatumye abyigana umwete kugira ngo ajye amufasha ndetse azabikore nk'umwuga.

Icyakoze avuga ko igihe yigaga hari aho yageraga agacika intege ndetse akumva ko atazabishobora kuko yabonaga gukora massage bisaba imbaraga ariko bagenzi be n'umuryango we bakamukomeza, bamuremo imbaraga zo gukomeza kwiga.

Ati: "Nkibigeramo numvaga bigoye nshaka no kubihagarika kuko byasabaga imbaraga nkumva ntazazibona, hari n'ibintu byo gufata mu mutwe ukamenya ibice bigize umubiri w'umuntu nkumva ntazabishobora. Rero nageze igihe nshaka kubivamo burundu nkumva narayobye."

Avuga ko nyuma yo gusoza kwiga bitamworoheye kubona akazi bitewe n'imyumvire abantu bagifite ku bafite ubumuga bwo kutabona, kuko bamwe bumvaga ko atabishobora.

Ati: "Ntabwo kubona akazi byanyoroheye bitewe n'imyumvire abantu baba bafite bakumva ko ufite ubumuga utabishobora. Hari naho ujya kwaka akazi ntakubwire ko utagashobora ariko bitewe n'imyumvire afite arakubwira ngo nzagusubiza ukajya uhora uhamagara bikarangira atakaguhaye."

Avuga ko nyuma gushakisha akazi byanga yaje kubona amahirwe muri Ivy Wellness Studio, bamuha ikizamini aragikora ndetse

KOMEZA KU RUP.9


IBIKURIKIRA URUP.8

agitsinda neza bituma ahabwa akazi kuko agashaboye atari uko bamugiriye impuhwe kubera ubumuga.

Yongeyeho ati: "Akazi ka 'massage' gakoreshwa intoki ntibigoye kuba umuntu yagakora kandi atabona. Aha bangirira icyizere kandi baba bazi ko ndi bubikore neza kuko kugira ngo bampe akazi babanje kunkoresha ikizami."

Munyana avuga ko abafite ubumuga bagifite imbogamizi zo kudahabwa amahirwe ngo bagaragaze ibyo bashoboye, ndetse rimwe na rimwe abakoresha bumva ko kubaha akazi ari impuhwe. Asaba bagenzi be bafite ubumuga gutinyuka bagashaka imirimo ndetse n'abakoresha bagaha amahirwe abantu bose ntibabarebere mu ishusho y'ubumuga runaka cyangwa impuhwe ahubwo bakita ku byo bashoboye.

# Ibitangaje kuri Munyana ukora 'massage' afite ubumuga bwo kutabona



Munyana Sauda akora massage afite ubumuga bwo kutabona

Ati: "Nibabahe amahirwe bakore, nibyanga ni ubushobozi bwabo buzaba bwanze si ubumuga buzaba bubiteye." Imibare y'ibanze ya 2025, y'ubushakashatsi bw'Inama y'Igihugu y'Abantu bafite ubumuga (NCPD) yagaragaje ko abantu bafite ubumuga mu Rwanda bangana na 562,184.

Muri abo abangana na 250,563 bangana na 44,5% ni ab'igitsina gabo, ab'igitsina gore ni 310,838 bangana na 55,2%, mu gihe abagana na 783 bangana na 0,3% nta makuru ahagije ku mibereho yabo yamenyekanye, mu gihe abafite ubumuga 145,362, abangana na 25,8% bafite akazi, naho 317,360 bangana na 56,4% nta kazi bafite.

---

IMVAHO NSHYA

# REG, MINEDUC na RP basoje amarushanwa yo guhimba udushya mu ikoranabuhanga

***Ku wa Gatanu tariki ya 8 Gicurasi 2026, Sosiyete y'u Rwanda ishinzwe Ingufu (REG), ku bufatanye na Minisiteri y'Uburezi, bifatanyije na Politekinike y'u Rwanda (Rwanda Polytechnic: RP), bahembye imishinga y'abanyeshuri bagaragaje imishinga y'udushya mu ikoranabuhanga ritanga ibisubizo ku bibazo bigaragara mu bigo n'inganda zo mu Rwanda.***

Byakozwe mu gikorwa cyo gusoza amarushanwa ngarukamwaka yo guhimba utwo dushya yiswe 'RP Skills Challenge 2026 Edition: Hachathon' yari amaze iminsi18.

Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi Irere Claudette, yashimye abanyeshuri batsinze ayo marushanwa anasaba ibigo by'abikorera, ibya Leta ndetse n'abanyenganda kugira ubufatanye n'imikoranire ifatika na RP mu gushyira mu bikorwa iyi mishinga y'abanyeshuri baba bavumbuye udushya mu gushaka ibisubizo mu ikoranabuhanga.

Yagize ati: "Icyo dusaba ni imikoranire hagati y'amashuri nk'aya ya Tekinike n'abikorera, kuko iyo bitabayeho ibi bisubizo biba byavumbuwe biguma hano, tugasaba n'uruhare rwa mwarimu mu kumenya ibigezweho noneho akabizana akabyinjiza mu byo abanyeshuri biga."

Umuyobozi Mukuru wa Politekinike y'u Rwanda Dr. Sylvie Mucyo yavuze ko bagiye kongera imbaraga mu gushaka ubufatanye n'abanyenganda ku buryo iyo mishinga itangira gushyirwa mu bikorwa.

Yagize ati: "Icyo twifuza ni ugukomeza kunoza iyi mishinga Prototype mu byo twita 'Post challenge' noneho hakabaho imikoranire, ibyo bisubizo byatanzwe n'abanyeshuri abanyenganda n'abikorera bakazikoresha twese tukabishyiramo imbaraga abanyeshuri bagahita batangira gukorana n'inganda kandi hari inganda zamaze kubitwemerera, reka turebe ibizavamo ariko ni iyo gahunda."

Umwe mu mishinga ujyanye n'ibikorwa bya REG watsinze amarushanwa ni umushinga wakozwe n'abanyeshuri bo mu ishuri RP Musanze, Eric Ndikumana na Ishimwe Steven. Uwo mushinga wagaragaje igisubizo mu kurwanya ubujura no kwangiza ibikorwa remezo by'amashanyarazi.

Ndikumana yagize ati: "Agashya kari mu mushinga wacu ni uko n'iyo umujura agerageje kuza ahari ibikorwa bya REG nk'ishami (Substation), twashyizeho camera n'uburyo bw'ikoranabuhanga (Sensors) bumenya umuntu uhageze, noneho camera ikamubona, igahereza Ubwenge Muntu Bukorano (AI) igasesengura, igahita imenyesha inzego zose za REG ku buryo bahita bakurikirana icyo kibazo bagafata uwo mujura. Ikidasanzwe ni uko camera ziba zifite ububasha bwo gusesengura icyo uwo muntu arimo gukora bitandukanye no kumubona gusa."

Ishimwe yagize ati: "Icyifuzo cyacu ni uko umushinga wacu washyirwa mu bikorwa bigatangira umusaruro."

REG igaragaza ko isanzwe ifitanye ubufatanye na RP mu mishinga itandukanye kuri ubu hakaba hiyongereyeho n'uyu mushinga. REG kandi yatangaje ko ari umushinga mwiza kandi izakomeza gukorana n'abo banyeshuri ndetse na RP mu kureba uburyo uwo mushinga (Solution) yavumbuwe n'abanyeshuri wanozwa, hanyuma ukaba wanatangira gushyirwa mu bikorwa.

Jean Paul Iradukunda, umuyobozi w'agashami gashinzwe guteza imbere ubumenyi n'ikoranabuhanga muri REG, yashimye umushinga wakozwe n'abanyeshuri ba RP batsinze amarushanwa avuga ko unogejwe neza wazafasha mu kurwanya ubujura n'abangiza ibikorwa remezo by'amashanyarazi.

Yagize ati: "Abanyeshuri barashoboye, RP yigisha neza, urabona ko hazamo iterambere. Icyo navuga ku mushinga bakoze, babikoze neza, ariko biracyari ku rwego rukeneye kongera kunozwa bagashyiraho ibyo twitwa features.

Ibyo bakoze kandi biragaragara ko bifite icyo byafasha REG, tuzabegera bose tugerageze gukorana na bo no kureba ibyo twahinduramo, tuyitangize gato (pilot Project) nitubona irimo gutanga umusaruro tuyigeze ku buyobozi bukuru, nitubona irimo gutanga umusaruro ku buryo twatangira ku mushinga ufatika wo gutanga umusaruro mu bikorwa remezo bya REG dukomeze tuyikoreshe."




Abakoze imishinga myiza mu dushya mu ikoranabuhanga barabishimiwe

Ijambo "Hackathon" ni irushanwa cyangwa amahugurwa aho abantu bahanga udushya (innovation) mu gihe gito.

Ni abanyeshuri 48 bari mu matsinda 18 bafite imishinga (Challenges) 6 yatoranyijwe ijyanye na Kompanyi esheshatu zitandukanye zayitanze ngo ishakirwe ibisubizo muri RP. Mu mishinga yakozweho ubushakashatsi mu kuba yabonerwa ibisubizo harimo ibijyanye n'ikoranabuhanga, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, itumanaho, n'iyindi ijyanye n'inganda nka Inyange n'izindi.

KAMALIZA Agnes

# MINUBUMWE yerekanye inyungu abato bakura mu kwiga amateka ya Jenoside

***Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) yagaragaje ko abiga mu mashuri abanza n'ayisumbuye bakwiye kwigishwa amateka nyakuri y'u Rwanda, by'umwihariko arebana na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kugira ngo bamenye ingaruka zayo bafate iya mbere mu kwamagana urwango n'amacakubiri.***



Abiga muri New life Christian Academy bagaragaje ko bakeneye kwiga amateka y'u Rwanda yagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Ubwo hatangizwaga ibikorwa byo kwibuka Jenoside yakorewe Abututsi mu 1994, mu mashuri, ku wa 08 Mata 2026, mu Karere ka Kicukiro ku ishuri rya New Life Christian Academy, Umunyamabanga Uhoraho muri MINUBUMWE, Mahoro Eric yagaraje ko abana bakeneye gusobanurirwa amateka atagoretse ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mahoro yagaragaje ko gahunda yo kwibuka mu bigo by'amashuri ari umwanya mwiza wo guha abana umwanya wo kwisanzura bagasobanuza amateka nyayo ngo hato hatazagira ababayobya. Yavuze ko bizatuma barushaho gukura basobanukiwe neza Jenoside yakorewe Abatutsi iyo ari yo, ingaruka yagize bityo bafate ingamba zo kurwanya icyabasubiza muri ibyo bihe by'umwijima.



Basobanuriwe amateka y' u Rwanda bagira n'umwanya wo kubaza ibibazo bitandukanye

Yagize ati: "Bizarushaho gutanga umusaruro kugira ngo urubyiruko rukure rwumva amateka y'Igihugu cyacu basobanukiwe neza Jenoside yakorewe Abatutsi, kandi kuko politiki y'Igihugu ari 'Ndi Umunyarwanda' banumva ko imvugo zibiba urwango cyangwa ikintu icyo ari cyo cyose cyabiba amacakubiri ari kibi bityo bafite uruhare mu kucyamagana."

Yongeyeho ko abakiri mu mashuri bakwiye gukura amasomo mu mateka y'u Rwanda, asaba ababyeyi gufatanya n'ibigo by'amashuri bakabwira abana amateka y'ukuri kugira ngo bakure babyumva bityo babe mu gihugu cyunze ubumwe.

Yongeyeho ati: "Ababyeyi twabasaba kudatererana amashuri kuko abana iyo babaza dufite inshingano zo kuvuga ukuri ku mateka yabaye no kutayagoreka kabone nubwo baba barayagizemo uruhare rubi. Ibyo rero ababyeyi bagomba kubisobanukirwa kugira ngo tugire urubyiruko rusobanukiwe n'amateka ariko rukuramo n'amasomo yo kubaka Igihugu cyiza cyunze ubumwe."

Mahoro yasabye abarimu haba abavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 na mbere yayo gukomeza kwiga amateka y'u Rwanda kugira ngo barusheho kuyigisha bayasobanukiwe. Yagaragaje ko hari integanyanyigisho za Minisiteri y'Uburezi zigaragaza indangagaciro na kirazira, kandi ari na bwo buryo bukwiye bwo gucishwamo inyigisho zisubiza ibibazo abana bibaza kuri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ubuyobozi bwa New Life Christian Academy buvuga ko kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu bigo by'amashuri ari umwanya wo guha icyubahiro Abatutsi bambuwe ubuzima, kandi ko kwigisha ayo mateka bituma abakiri mu mashuri barwanya ko ayo mateka yasubira.

Umuyobozi wa Africa New Life, Rev. Past Katagwa Fred Isaac yagize ati: "Turi kubikora kugira ngo twigishe abana bacu ukuri kw'amateka y'Igihugu kuko batamenye ibyabaye byaba byoroshye ko babayobya bakigishwa ibinyoma."

Rev. Katagwa yongeyeho ko ikigamijwe ari ukurera abantu basobanukiwe amateka, barwanya ingengabitekerezo ya Jenoside kandi baharanira ko ibyabaye bitazongera kubaho haba mu Rwanda cyangwa n'ahandi. Bamwe mu banyeshuri bagaragaje ko banyotewe no kumenya amateka y'u Rwanda kuko bizatuma birinda abashaka kubasubiza inyuma.

Akaliza Sabrina yagize ati: "Nize ko tugomba kunga ubumwe kugira ngo amateka mabi atazongera kubaho, rero ni ngombwa ko twiga amateka y'u Rwanda kuko adufasha ko twirinda abongera kuzana amacakubiri kuko yagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994."

Kamali Eriana na we ati: "Dukeneye kwiga ukuntu twitwara nk'Abanyarwanda kuko nize ko muri Jenoside hari abantu benshi bishwe kubera ko bari Abatutsi; ubu nk'abanyeshuri tugomba gukundana."

Biteganyjwe ko iyi gahunda yo kwibuka izaba mu bigo byose by'amashuri hirya no hino mu gihugu hagamijwe ko abo banyeshuri bamenya amateka nyayo ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

# Urukiko rw'u Bufaransa rwategetse ko iperereza kuri Agathe Kanziga rikomeza



Urukiko rw'Ubujurire rwa Paris mu Bufaransa rwemeje ko iperereza ku ruhare rwa Agathe Kanziga Habyarimana rikomeza

KAMBANDA Noel

***Urukiko rw'Ubujurire rwa Paris mu Bufaransa rwemeje ko iperereza ku ruhare rwa Agathe Kanziga Habyarimana, umugore wa Perezida Juvenal Habyarimana, rikomeza, nyuma yo gutesha agaciro icyemezo cyari cyafashwe umwaka ushize cyo kudakomeza kumukurikirana.***

Iki cyemezo cyafashwe kuri uyu wa Gatatu tariki ya 6 Gicurasi 2026, aho urwego rushinzwe iperereza rw'Urukiko rw'Ubujurire rwa Paris rwanzuye ko hakiri impamvu zo gukomeza gusuzuma uruhare rwa Agathe Kanziga mu itegurwa no mu ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ni umwanzuro uje nyuma y'uko uruhande rw'abarega rwari rwarajuririye icyemezo cyari cyafashwe mbere, cyavugaga ko nta bimenyetso bifatika bihagije byerekana uruhare rwa Agathe Kanziga muri Jenoside, bityo ko nta mpamvu yo gukomeza kumukurikirana mu bucamanza.

Agathe Kanziga Habyarimana amaze imyaka myinshi avugwa mu byaha bifitanye isano na Jenoside yakorewe Abatutsi, aho ashinjwa kuba umwe mu bari bagize "Akazu", itsinda ry'abari bakomeye mu butegetsi bwa Habyarimana Juvénal, ryashinjwaga gutegura no gucura umugambi wa Jenoside.

Mu gihe Jenoside yatangiraga muri Mata 1994, Agathe Habyarimana n'umuryango we bahungishijwe n'ingabo z'u Bufaransa bajyanwa i Paris, aho bakomeje kuba kugeza ubu.

Iki cyemezo cy'urukiko cyakiriwe neza n'imiryango iharanira ubutabera ku barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, cyane cyane IBUKA, yavuze ko ari intambwe ikomeye mu rugendo rwo kurwanya umuco wo kudahana.

Mu itangazo ryayo, IBUKA yagize iti: "Ibyaha byibasiye inyokomuntu ntibisaza kandi ubutabera bugomba guhabwa agaciro nyakuri."

Perezida wa IBUKA, Dr Philibert Gakwenzire, yavuze ko kuba urukiko rwemeye ko iperereza rikomeza bitanga icyizere ku barokotse Jenoside bamaze imyaka irenga 30 bategereje ubutabera.

Ati: "Icy'ingenzi ubu ni uko iperereza rikomeza kandi ubutabera bugakora ibyo bwemereye abarokotse."

Marie Chantal Niyonshuti, umwe mu barokotse Jenoside wari uturanye n'umuryango wa Habyarimana, yavuze ko iki cyemezo kimugaruriye icyizere nyuma y'imyaka myinshi ategereje ubutabera.

Yagize ati: "Maze imyaka 32 ntegereje ubutabera. Ndacyategereje. Ntimuzemere ko iri perereza ryongera guhagarara."

IBUKA kandi yasabye ubutabera bw'u Bufaransa kwihutisha dosiye ya Agathe Habyarimana no gukurikirana abandi bakekwaho uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi bakiri ku butaka bw'u Bufaransa bataragezwa imbere y'ubutabera.

Mu minsi yashize, izina ry'umuryango wa Habyarimana ryongeye kuvugwa cyane mu itangazamakuru kubera umubano wawo nabagize umutwe wa FDLR, ugizwe ahanini n'abasize bakoze Jenoside mu Rwanda. Jean-Luc Habyarimana, umwe mu bahungu ba Juvenal Habyarimana, avugwa mu ngendo hagati ya Paris na Kinshasa ndetse no mu bikorwa bifitanye isano na FDLR abifashijwemo n'ubutegetsi bwa Perezida Tshisekedi.

Icyemezo cy'Urukiko rw'Ubujurire rwa Paris gifatwa nk'intambwe nshya mu rugendo rwo gukomeza gukurikirana abakekwaho uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi, cyane cyane abamaze imyaka myinshi baba hanze y'u Rwanda batarabazwa ibyo bakekwaho.

# Abanyeshuri bashishikarizwa guhitamo amasomo y'ikoranabuhanga rikoreshwa mu mashanyarazi

**NYIRANEZA Judith**

***Abanyeshuri biga mu mashuri abanza, bashishikarizwa guhitamo amasomo ajyanye n'ikoranabuhanga rikoreshwa mu rwego rw'amashanyarazi, bizwi nka Electrical Engineering, kugira ngo basobanukirwe neza imikorere y'urwo***

yakiriye itsinda ry'abanyeshuri batandatu bo mu ishuri rya Green Hills Academy bari baherekejwe n'ababyeyi babiri barerera muri iryo shuri maze bagirana ibiganiro.

Ni abanyeshuri bageze mu mwaka wa 5 w'amashuri abanza, bafite indoto zo kuzaba abahanga mu ikoranabuhanga ryo gukwirakwiza amashan-

mu gihe bazaba bamaze gukura bageze mu mashuri yisumbuye na za Kaminuza bazaharanira kuba indashyikirwa n'abahanga mu bumenyi n'ikoranabunga mu gukwirakwiza amashanyarazi mu baturage.

Eduije Musabe ni umwe mu babyeyi bahagarariye abandi waje anaherekeje abo banyeshuri akaba anarera muri Green Hills Academy. Yagize ati: "Kuri Green Hills Academy bafite gahunda bigamo yitwa IB The International Baccalaureate (IB), ikaba ishishikariza abana gukora ubushakashatsi kugira ngo na bo babashe kugira ikintu bakora muri Sosiyete nyarwanda. Mu mushinga aba bana bafite, barashaka kureba uburyo babona ibisubizo ku bibazo abaturage bafite byo kutabona amashanyarazi aho ataragera kuri ubu, ni yo mpamvu baje hano kugira ngo babashe kubona amakuru y'ibanze y'uburyo amashanyarazi aboneka n'aho aturuka."

Yongeyeho ati: "Imbogamizi zihari ni izihe, mbese no kumenya ngo ni bande bagira uruhare rwatuma abaturage bose babona amashanyarazi. Ni ibintu byabafashije kumenya uko bikorwa kandi ko ayo makuru bazagenda bayahuze na cya kibazo bashaka gukemura cyo kugezwaho amashanyarazi."

Abo banyesuri kandi banatemberejwe kuri Station ya Mont Kigali iri mu Karere ka Nyarugenge, basobanurirwa uburyo amashanyarazi aturutse

Umuyobozi Mukuru wa REG Armand Zingiro yashimiye abo banyeshuri bifuza ubumenyi bwisumbuyeho mu bijyanye n'amashanyarazi anemeza ko kuri ubu mu Rwanda hagikenewe abahanga mu bumenyi n'ikoranabuhanga ry'amashanyarazi bafasha mu gukomeza guteza imbere ikwirakwizwa ry'amashanyarazi (Electrical Engineering) mu Rwanda no mu mahanga, bityo abashishikariza gukomeza iyo nzira batangiye mu masomo yabo; avuga ko ari inzira ibaganisha ku mwuga (Career) mwiza uzabaha amahirwe mu kwiteza imbere no guteza imbere igihugu muri rusange.

Gahunda y'uburezi yitwa "International Baccalaureate (IB)" imwe muri gahunda ziboneka mu ishuri rya Green Hills Academy, itanga gahunda enye z'amasomo mpuzamahanga zifite ireme rihanitse kandi zisaba imbaraga nyinshi, zigenewe abanyeshuri bafite imyaka iri hagati ya 3 na 19. Izi gahunda zigamije guteza imbere gutekereza byimbitse, kumenya Isi no gusobanukirwa n'imico itandukanye.

IB ishyira imbere uburyo bwo kwiga bwuzuye (bufata umunyeshuri nk'umuntu wuzuye), bushingiye ku bushakashatsi no kwibaza



Abanyeshuri basobanurirwa ibijyanye n'ikoranabuhanga mu ngufu z'amashanyarazi

***rwego.***

Ni gahunda yatangijwe na Sosiyete y'u Rwanda ishinzwe Ingufu (REG), ubwo yakiraga abanyeshuri 6 basobanurirwa ibijyanye n'ikoranabuhanga mu ngufu z'amashanyarazi. REG ishishikariza abanyeshuri bo mu mashuri abanza kuba batekereza kuzaba indashyikirwa mu bumenyi n'ikoranabuhanga rikoreshwa mu mashanyarazi Electrical Engineering.

Umuyobozi Mukuru wa Sosiyete y'u Rwanda ishinzwe Ingufu (REG) Armand Zingiro yashishikarije bamwe mu banyeshuri bo mu mashuri abanza ko no mu mahitamo bakora harimo kuba bakomeza kwiga no kuzahitamo kuzaba n'abahanga n'indashyikirwa mu bumenyi n'ikoranabuhanga rikoreshwa mu rwego rw'amashanyarazi ibizwi nka 'Electrical Engineering'.

Ni nyuma y'uko ku wa Mbere,



Abanyeshuri bashishikarijwe kuzahitamo kwiga ikoranabuhanga

yarazi (Electrical Engineering). Ibiganiro byabo kandi byibanze ku gushaka kumenya uburyo amashanyarazi aboneka kuva ku ngomero (Power Plants), uko agera kuri za stations zitandukanye (Substations), ndetse

n'uburyo akwirakwizwa hirya no hino mu baturage.

Abo banyeshuri bemeje ko basobanukiwe n'urwo rugendo rw'uburyo amashanyarazi akorwa, kandi ko bumva

ku ngomero zitandukanye hirya no hino mu gihugu ahagera nyuma y'aho akabona gukwirakwizwa mu mujyi wa Kigali ndetse no hirya no hino mu gihugu.

(inquiry-based learning), kandi bugasozwa no gutanga impamyabumenyi zihariye ku banyeshuri barangije icyiciro cya kabiri cy'amashuri yisumbuye, zibategura gukomeza muri kaminuza no kwinjira ku isoko ry'umurimo.




Hibutswe abagore n'abana bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

# Kwica abagore n'abana wari umugambi wo kurimbura Abatutsi - Ubuhamya bwa Uwimana

**HITIMANA Servand**

***Uwimana Angelique wari umwana w'imyaka 8 akarohanwa na bagenzi be mu musarani ariko akaza kuvamo, mu buhamya yatanze, yagaragaje ko kwica abagore n'abana mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bwari uburyo bwo kurimbura Abatutsi, kuko abagore batanga ubuzima, abana bakaba intangiriro yo kugira abantu mu Gihugu.***

Yavukiye mu Murenge wa Kigabiro mu Karere ka Rwamagana, hanyuma Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, itangiye yahungiye Nyabitare babwirwa ko nta mugore n'umwana bazicwa, ahubwo bagiye kurindirwa ku ishuri ribanza rya Sovu, akaba ariho baje kwicirwa bajugunywe mu musarani yaje kuvamo, akomeza guhunga agera i Mukarange.

Mu buhamya bukakaye bw'Abarokokeye mu Murenge wa Mukarange, mu Karere ka Kayonza, hagaragazwa ubugome bwaranze abicanyi bakoraga Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho abagore n'abana bakusanywaga babwirwa ko batazicwa kuko bafatwa nk'abanyantege nke.

Nyamara ngo ibi ntibyari ukuri ahubwo icyari kigambiriwe ni ukubeshya icyizere abahigwaga kugira ngo bigaragaze bose babone uko babica ntawubacitse, bigaragaza umugambi mubisha wo kurimbura Abatutsi nkuko byanigambwaga n'abicanyi.

Yagize ati: "I Sovu, Interahamwe zaratugose zikajya zikuramo abagabo zikabica hanyuma abagore n'abana badukusanyiriza hamwe bavuga ko tugiye kurindwa. Hakurikiyeho gukuramo abana b'abahungu bavuga ko bo bazakura bakajya mu Nkotanyi, abo zikabica ari bwo bamwe bambikwaga imyenda y'abakobwa twumva ko utari muri ibyo byiciro atazicwa. Abantu baje ku bwinshi n'abari bihishe ahandi bakumva amakuru ko nta mugore n'umwana bicwa maze tumaze kugwira batwica nabi cyane."

Uwimana avuga ko umunsi wo kwicwa ababyeyi babanje kwambikwa ubusa, bagashinyagurirwa ndetse bakajya babanza gukururwa hasi.

Ati: "Amabi twakorewe agaragaza umugambi w'uko bifuzaga ko hatazagira n'umwe urokoka cyangwa ngo azashibuke. Bica abagore babyara, bica abana bari bakwiye gukura bagaharanira uburenganzira bwabo. Wari umugambi wo kurimbura."

Uwimana avuga ko avuye i Sovu yaje guhura n'undi mubyeyi wari ufite umwana w'uruhinja bihishanya mu gihuru hanyuma aza kumubwira ko agiye kwicwa n'inyota amutuma kugenda agakusanga amazi areka ku bibabi by'amateke akamuzanira akabiboberesha umuhogo.



I Mukarange hibutswe abagore n'abana bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Ati: "Ngisohoka mu gihuru interahamwe zazanye imbwa imotse rwa ruhinja rurarira bahita bamubona bamwicana n'umwana ndi hepfo ye, ubwo nkomeza guhunga."

Avuga ko yirutse yiyahura mu rugo rw'Interahamwe ariko umugore waho amuhisha mu mutiba wari mu gikoni aho bacanaga yicwa n'ubushyuhe ndetse n'imyotsi ariko amaramo igihe umugabo waho atabimenye.

Ati: "Nyuma yo kuva aho nari najugunywe mu musarani nakomeje kwihishahisha, inzara ari yose n'inzara, ariko nza guhishwa n'umubyeyi wari ufite umugabo uyoboye Interahamwe. Impuhwe z'umugore narazibonye arampisha kugera umugabo atangiye kubikeka, ansaba gushaka uko najya kwihisha ahandi kuko umugabo yari atangiye kwirirwa mu rugo ageregeza no kwinjira mu gikoni ndahava ari bwo nasanze Inkotanyi zarageze inaha zirantabara. Ndashima abagize umutima muzima bakaturengera."

Uwimana ashimira abagaragaje umutima wa kimuntu bakemera kugira abo barokora nubwo bashoboraga gushyira ubuzima bwabo mu kaga.

Ubwo hibukwaga abagore n'abana bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu Karere ka Kayonza, Umuyobozi w'Inama Njyanama y'ako Karere Basiime Kalimba Doreen yavuze ko kwibuka amateka nk'ayo biha abantu kongera gutekereza ku ho urwango rwagejeje Igihugu no gufata ingamba zo kukirinda.

Ati: "Kwibuka abana n'abagore bishwe bazira ubusa ni ukongera gutekereza ku buremere bwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ubwicanyi budasiga umuntu utakurwanya, umuntu wicwa ateze amaboko asekera umwica. Ni agahinda gakomeye kandi kwibuka aya mateka bituma dufata ingamba zo guhangana n'icyagarura urwango, amacakubiri n'ikindi cyose cyagarura Jenoside."

Kwibuka abana n'abagore bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu karere ka Kayonza byabereye ku Rwibutso rwa Mukarange rushyinguyemo imibiri 9,402.

# Kirehe: Umuceri wahinduriye ubuzima abahingaga amateke n'ibijumba

GATERA ALPHONSE

***Abaturage bari baramenyereye guhinga ibijumba n'amateke, barabyinira ku rukoma ku bw'umusaruro wiyongereye nyuma yo kwimukira ku buhinzi bw'umuceri bakorera mu gishanga cya Rebero giherereye mu Kagari ka Gahama, Umurenge wa Kirehe mu Karere ka Kirehe. Aba baturage bavuga ko ubuzima bwabo bwahindutse, nyuma yo gutangira guhinga iki gihingwa, bakaba bahamya ko hari urwego bavuyeho n'urwo bagezeho bagana ku kwikura mu bukene.***



Ubuhinzi bw'umuceri bwasimbuye ubw'ibijumba batangira kubona umusaruro ufatika

Mu buhamya bagejeje ku Imvaho Nshya, aba baturage bavuze ko ubundi mbere y'uko batangira guhinga umuceri bahoraga mu bukene, rimwe na rimwe n'abana bakabura ibyo kurya. Uyu munsi bemeza ko bahinga bakeza ndetse bagasagurira amasoko.

Banziririki Beatrice, umwe muri abo baturage, yavuze ko guhinga umuceri ari yo ntandaro yo kuba yarabashije kugura ubuso bunini bwo guhinga dore ko yatangiye ahinga ubuso buto.

Yagize ati: "Ubundi mbere twahingaga ubuso buto, ariko ugasanga nta n'ibyo kurya dufite ariko aho twatangiriye kweza umuceri tukanawupakiza, byagiye bituma tubona amafaranga. Ubu twongereye ubuso twahingaga, twizigamira muri EjoHeza ndetse twishyurira abana amashuri, yewe twagiye tugura n'ubundi butaka bwo guhingamo no ku misozi. Ubu twaguze n'ishyamba."

Uwimana Clemantine na we yavuze ko guhinga umuceri byamufashije mu rugo, abana be babiri bamaze kurangiza amashuri yisumbuye kubera umuceri. Yongeraho ko mbere iki gishanga bagihingagamo amateke n'ibijumba ndetse rimwe na rimwe bagahingamo imboga z'amashu, ariko ibyo ngo nta musaruro uhagije byabahaga ku buryo wabagirira akamaro.

Ati: "Ubu mfite abahungu batatu barangije i Kabare, kandi nta handi nakuye amafaranga nabishyuriye amashuri ni hano mu muceri nayakuye. Ubwo rero umuceri tuzawuhinga mpaka kuko ni igihingwa cyaduteje imbere cyane. Ubu Twagiye tujya mu matsinda atandukanye kugira ngo dukomeze kwiteza imbere, ubu EjoHeza ndetse n'indi misanzu ya Leta yose Tuyitangira ku gihe."

Nzamukosha Clementine, Umuyobozi w'Umurenge wa Kirehe, yashimye abaturage bakomeje kubyaza umusaruro igihingwa cy'umuceri, abasaba kurushaho gukorera hamwe kugira ngo bijye biborohera kwihutisha iterambere ryabo n'iry'Igihugu muri rusange.

Akomeza avuga ko gukorera hamwe no gukorana n'izi nzego bibafasha kwihaza mu musaruro ariko bakaniteganyiriza muri gahunda ya Ejo Heza izabafasha mu gihe cy'amasaziro yabo, bakabona n'inguzanyo mu bigo by'imari biboroheye.

Yagize ati: "Turakangurira abaturage gukomeza gukorera hamwe mu matsinda kugira ngo bakomeze kwihuta mu iterambere. Ikindi twabibutsa ni uko gukomeza kwizigamira muri EjoHeza bizabagirira akamaro mu gihe cy'izabukuru cyabo."

# Nyamasheke: Barasaba ko inzoga yitwa 'Ruyaza' icika burundu



Abaturage bifuza ko inzoga yitwa Ruyazubwonko yacibwa burundu

BAHUWIYONGERA SYLVESTRE

***Abaturage bo mu Murenge wa Cyato, Akarere ka Nyamasheke bavuga ko batewe impungenge n'inzoga itujuje ubuziranenge yitwa Ruyaza (Ruyazubwonko), abayinywa bamara kuyisinda bagateza intugunda mu baturanyi babo n'imiryango yabo no guhoza iyo miryango y'abayinywa mu bukene bukabije.***

Iyi nzoga bita Ruyaza (Ruyazubwonko) iboneka cyane mu tubari two mu Mirenge ya Cyato na Kanjongo muri ako Karere, abaganiriye na Imvaho Nshya bakavuga ko ibyo yengwamo n'uko igenza abayinyoye bituma bifuza ko icika burundu.

Umwe yagize ati: "Ni umutobe benga mu bitoki, bakawuteka, wamara kubira bakawutereka ukaba akazuyazi, bagashyiramo ibitubura bakoresha bakora imigati n'amandazi bita pakimaya, igashya ikabira, igahinduka umweru dede."

Yongeyeho ati: "Abashaka kuyitagatifuza no kuyorohereza ubukana bayinywa bayita 'Amata' kubera uburyo iba isa nayo, ikanahenduka cyane kuko icupa ryayo rigura amafaranga y'u Rwanda 200 mu gihe urwagwa rwiza icupa rigura 1,000 Frw, bigatuma bamwe bayinywa nk'abayiyahuza."

Undi yagize ati: "Ahandi iteza umutekano muke ni muri santere y'ubucuruzi ya Kirambo mu Murenge wa Kanjongo, aho abagore n'abakobwa bicuruza bamara kuyisinda bagatangira kurwana n'abagabo n'abasore bayisangiye bagakomeretsanya, bigateza umutekano muke."

Akomeza agira ati: "Kuyita Ruyaza (Ruyazubwonko) ni uko uwayinyoye amera nkuwataye umutwe, ubwenge busa n'ubwagiye, ntacyo agitinya ari na yo mpamvu n'ibyo ibakoresha biba ari bibi cyane tugasaba ko yacika burundu."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Cyato, Munyurwa Venant, avuga ko, nyuma yo kumva abaturage bayinubira banatanga amakuru y'ingaruka zayo, zinagera ku batayinyoye, ubuyobozi bwafashe ingamba zo gukora umukwabu mu bayenga n'abayicuruza hafatwa abantu 6.

Ati: "Ikibabaje ni uko abo twafashe bose uko ari 6 bayicururiza mu ngo zabo bahinduye utubari, kandi kizira kikaziririzwa guhindura akabari inzu ituwemo n'umuryango." Yongeyeho ati: "Abafashwe twabashyikirije Sitasiyo ya RIB ya Kanjongo ngo bakurikiranwe, inzoga turazimena, tunakoresha inama abaturage tubasaba kuduha amakuru y'ahandi bakeka hose ubucuruzi bwazo ngo tubuce burundu."

Ashimira abaturage batanze amakuru yatumye bariya bazengera, bakanazicururiza mu ngo bafatwa zikanamenwa. Abasaba gukomereza aho zigakumirwa zitaranagera mu bato kubera kuzengera no kuzicururiza mu ngo aho bazibona biboroheye.

# Kamonyi: Umusore yatemye undi bibanaga amabuye y'agaciro bimuviramo urupfu

HABIMANA Eric

***Mu Karere ka Kamonyi, mu Murenge wa Rukoma, umusore witwa Niyibizi Pacifique w'imyaka 22 yapfiriye kwa muganga nyuma yo gutemwa na mugenzi we bari kumwe bakora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro butemewe n'amategeko.***



**Niyibizi Pacifique w'imyaka 22 yapfuye atemwe na mugenzi we bari kumwe bakora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro butemewe**

Nyakwigendera yari kumwe na Bikorimana Pascal ndetse n'andi matsinda y'abasore bari bagiye gucukura amabuye y'agaciro mu buryo bunyuranyije n'amategeko, aho bakoreshaga uburyo bwo gusimburana buri tsinda rikajya mu kirombe mu gihe gito hanyuma rigasohoka rigaha umwanya irindi.

Uwahaye amakuru Imvaho Nshya utifuje ko amazina ye atangazwa yavuze ko amakimbirane yabaye mu ijoro ry'itariki ya 7 Gicurasi 2026, aho yatangiye ubwo nyakwigendera Niyibizi yashakaga kongera kujya mu mwanya wari ugenewe irindi tsinda mu gucukura kandi yari amaze kuvamo we n'itsinda rye. Icyo gihe ngo habayeho guterana amagambo, maze uyu Niyibizi ahita akubita ikibatira cy'umuhoro uwitwa Bikorimana.

Yagize ati: "Niyibizi yafashe umuhoro yari afite akubita ikibatira Bikorimana, undi na we ahita afata umuhoro yari afite amutema bikomeye ukuguru n'ikirenge. Akimara gukomereka bikabije, abo bari kumwe bahise bamukuramo bamujyana mu gasantere k'ahazwi nko muri Kenya, bahamugejeje ni bwo bahise bamwihutana ku kigo nderabuzima cya Remera-Rukoma ariko agezeyo ahita yitaba Imana kubera amaraso menshi yari yatakaje."

Umuvugizi wa Polisi mu Ntara y'Amajyepfo, CIP Hassan Kamanzi, yemeje aya makuru avuga ko uru rupfu rwatewe n'amakimbirane yabereye mu bikorwa by'ubucukuzi butemewe aho aba basore hari ibyo batumvikanyeho bituma umwe atema mugenzi we byanamuviriyemo urupfu. Yagize ati: "Ukekwaho gutema mugenzi we yahise afatwa, ubu afungiye kuri sitasiyo ya Polisi ya Remera-Rukoma mu gihe iperereza rikomeje."

Yakomeje yibutsa abaturage kwirinda ibikorwa binyuranyije n'amategeko birimo ubucukuzi butemewe, kuko bishyira ubuzima bw'abantu mu kaga kandi bigakururira ababikora gukurikiranwa n´amategeko. Ati "Abaturage turabasaba kwirinda ibikorwa binyuranyije n´amategeko, uwushaka gukora ubucukuzi Ikigo gishinzwe Mine Petelori na Gaze (RMB) kirahari nibacyegere kibahe ibyangombwa bacukure byemewe aho gukomeza kugongana n´amategeko."

Mu Rwanda abakora ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro butemewe n'amategeko bahanishwa igifungo gishobora kugera ku myaka itanu (5) n'ihazabu ya miliyoni 80 Frw, ndetse n'ifatirwa ry'amabuye n'ibikoresho byakoreshejwe.

Mu gihe icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa ku bushake byateye urupfu gihanwa n'amategeko nk'icyaha gikomeye hashingiwe ku Itegeko nº 68/2018 ryo ku wa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri rusange, ingingo ya 121.

Iyo gukubita cyangwa gukomeretsa byateye urupfu, bihanishwa igifungo kuva ku myaka cumi n'itanu (15) ariko ntibirenze imyaka makumyabiri (20), n´ihazabu y´mafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni eshanu (5,000,000 FRW) ariko atarenze miliyoni zirindwi z'amafaranga y'u Rwanda.

# Gatsibo: Barasaba gukorerwa ikiraro kimaze kugwamo bane, babiri bakavunika



**Abaturage bakoresha iki kiraro bifuza ko gisanwa**

HITIMANA Servand

***Abaturage b'Imirenge ya Gitoki, Rugarama na Rwimbogo yo mu Karere ka Gatsibo barasaba ko bakorerwa ikiraro kiri ku muhanda ubahuza kuko cyangiritse ndetse abagenzi bagera kuri bane bakaba bamaze kuhakorera impanuka bagwa muri icyo kiraro, babiri muri bo bakavunika.***

Aba baturage bavuga ko umuhanda Finance Nyababubare uca kuri iki kiraro ukoreshwa n'abagenzi benshi ndetse ko nta yindi nzira iri hafi kuko ahandi ari mu gishanga kitarimo inzira.

Kuri ubu babangamiwe nuko iyi nzira itari nyabagendwa biturutse ku iyangirika ry'ikiraro aho biri kugira ingaruka ku bikorwa byabo bya buri munsi.

Mukarukundo Liberata yagize ati:"Hari abaturage batuye hano ariko ibikorwa byabo bya buri munsi bibasaba kwambuka ikiraro bakajya hakurya. Hari ubuhinzi aho abenshi bahinga muri iki gishanga cy'umuceri, inzira ari uguca kuri iki kiraro bivuze ko mu gihe cyaba kidakozwe byagorana cyane iyo ari mu gihe cy'imvura utabasha kwambuka mu mazi."

Bambanze Antoine avuga ko kubera guhatiriza abantu bagaca kuri iki kiraro kuri ubu hari abantu bane bamaze kuhakorera impanuka bakagwamo.

Ati: "Ni yo nzira yonyine iri hafi itugeza ku isoko Rwagitima ndetse no ku bakeneye kugera nko ku Karere iyi ni yo nzira. Ubu hari abantu bane bamaze kugwa muri ariya mazi aho harimo na 2 bahavunikiye amaguru ubu yaramugaye. Hari abandi bahakomerekera cyangwa ibyo bafite bikangirika. Ku bw'amahirwe ntawurapfiramo ariko hari impungenge ko kidasanwe hari n'abazahaburira ubuzima."

Abaturage bakoresha iki kiraro bifuza ko cyasanwa, imigenderanine n'ubuhahirane bugakomeza nka mbere.

Twagira Steven agira ati: "Turasaba ubuyobozi kudukorera iki kiraro kuko tugikoresha mu bucuruzi no mu yindi mirimo. Nibagikore kandi kuko kinifashishwa n'abanyeshuri biga i Nyakayaga aho gishobora gutuma bahagarika amasomo babuze aho baca. Ni kimwe n'abantu bajya mu Murenge wa Rwimbogo mu bice bya Kabeza, aho iyo nzira ari yo ya hafi kuri bo."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Gatsibo buvuga ko hari gahunda yo gusana ibiraro bitandukanye muri aka Karere, iki nacyo kikaba kizitabwaho mu gihe cya vuba.

Umuyubozi w'Akarere ka Gatsibo Gasana Richard, yagize ati: "Hari ibiraro twakoreye inyigo biri gukorwa ndetse biri hafi kurangira dufite n'ibindi tugiye gukorera inyigo nabyo bigakorwa iki nacyo kikaba kirimo. Turizeza abaturage ko iki kiraro nacyo kizakorwa mu gihe cya vuba kuko nkuko mbivuze inyigo yacyo igiye gukorwa."

Kugeza ubu ubuyobozi bugaragaza ko hari gukorwa ibiraro umunani mu gihe ibindi 10 birimo n'iki guhuza Umurenge wa Gitoki na Rugarama nabyo bigiye gukorerwa inyigo bikazakorwa.

# Nyagatare: Karambo Imidugudu ibiri yashingiwe amapoto ariko imyaka irenze itatu badacaniwe



**Mu Murenge wa Kiyombe mu Tugari tubiri bamaze imyaka irenga 3 bashingiwe amapoto y'amashanyarazi ntibahabwa mubazi none ntibacana**

**HITIMANA SERVAND**

***Abaturage bo mu Midugudu ya Kakagaju na Karujanga yo mu Kagari ka Karambo, Umurenge wa Kiyombe mu Karere ka Nyagatare, bavuga ko babangamiwe no kuba nta mashanyarazi bafite mu ngo mu gihe hashize imyaka irenga itatu bashingiwe amapoto ndetse bakagezwaho n'insinga z'amashanyarazi ariko ntibahabwe mubazi (cash-power) zibafasha gucanirwa.***

Ibi abo baturage bavuga ko bibagiraho ingaruka zirimo gusigara inyuma mu iterambere ugereranyije n'abaturanyi babo bo mu yindi Midugudu bagereweho rimwe n'amapoto bo bagacanirwa.

Bandika Evariste yagize ati: "Abakora amashanyarazi baraje bashinga amapoto bashyiraho insinga ariko ntibaduha mubazi, imyaka irenze itatu dutegereje nta n'uwagarutse kutubwira impamvu baturetse. Ahandi hakozwe muri ibyo bihe baracana, ntituzi niba zaradushiriyeho, uretse ko nabwo wakwibaza niba imyaka itatu, ine yashira nta zindi barabona cyangwa nta handi bakora bazishyira."

Akomeza agira ati: "Ubu turi gusigara inyuma mu iterambere, aho amashanyarazi yageze ubu bashinze ibikorwa bishya bibaha amafaranga nk'inzu zo kwiyogoshesherezamo, gusudira n'ibindi. Ubu twe iyo dushaka izo serivisi bidusaba gukora ingendo mu gihe twari twagize icyizere ko izo mvune zigiye guhagarara."

Mukeyiki Claudine we avuga ko kutagira amashanyarazi bigira ingaruka ku myigire y'abana babo. Ati: "Ubu abana bitegura ikizamini cya Leta dusigaye tujya kubacumbikisha mu yindi Midugudu irimo amashanyarazi. Umwana akubwira ko abo bigana babona uburyo bwo gusubira mu masoko bageze mu rugo bityo bakaba batahangana na bo mu manota. Bituma rero uwitegura ikizamini umushakira umuvandimwe waba amucumbikiye kugira ngo abone uburyo bwiza bwo gusubira mu masomo."

Yongeraho ati: "Niba twarashingiwe amapoto Imidugudu igahabwa mubazi tugasigara turi Imidugudu 2, twavuga ko zadushiriyeho ntibibuke ko twasigaye cyangwa abayaduhaga babeshye ko basoje tuburizwamo? Imyaka hafi ine rwose ndumva ishize nta nukivuga ku kibazo cyacu. Turasaba ko ubuyobozi bw'Akarere bwadukurikiranira bakamenya aho byapfiriye."

Benoit uyobora REG muri Nyagatare yabwiye Imvaho Nshya ko agiye gukurikirana iki kibazo akamenya impamvu nyamukuru, basanga ari mubazi zabashiriyeho bakazibashakira. Ati: "Birasaba kubanza kumenya neza impamvu yatumye batabona mubazi. Hari igihe haba hari ibyo umuturage atujuje cyane nk'iyo atatanze icyangombwa cy'ubutaka, ariko kibaye ikibazo rusange turaza kubikurikirana tuzibagezeho kuko n'ubundi dufite imishinga turi kuzitangamo mu bice bitandukanye by'aka Karere."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyagatare Kakooza Henry avuga ko bagiye gukorana n'abashinzwe gutanga amashanyarazi iki kibazo kigakemuka. Ati: "Tugiye kuvugana na REG kiriya kibazo cy'abaturage bamaze igihe badacaniwe Kandi bategereje amashanyarazi gikemuke. Twifuza ko amashanyarazi agera ku baturage bacu bakabona uko bayabyaza umusaruro bahanga imirimo mishya. Bariya rero birumvikana ko bayanyotewe kandi turabikurikirana."

Uyu muyobozi avuga ko icyerekezo gihari ari uko mu myaka 2 iri imbere buri muturage muri aka Karere azaba agerwaho n'amashanyarazi.

---

# Ngoma: Abaturage bashima uburyo ubuyobozi bwaciye ingando mu ngo zifite ibibazo

**HITIMANA SERVAND**

***Abaturage bavuga ko bishimiye uburyo ubuyobozi bwabegereye bukamenya ibibazo bafite aho gutegereza ko babigezaho ku biro gusa, ahubwo bubasanga aho batuye kandi byagize akamaro mu gukemura ibibazo byari bibugarijem binabarugura gusiragira mu buyobozi.***

Nyarwaya Innocent yavuze ko iyi gahunda iri kubafasha kubona ibisubizo ku bibazo byari bimaze igihe bidakemuka.

Ati: "Twishimiye ko abayobozi bari kutwegera bakadufasha gukemura ibibazo, twajyanaga mu nzego zitandukanye ntitubone ibisubizo. Hari n'abaturage basanzwe babayeho nabi bagenda bafashwa. Nk'umukecuru basanze arwaye adafite ubushobozi bwo kwivuza, yahise ajyanwa kwa muganga."

Undi muturage, Mukamurenzi Amina, yavuze ko gahunda yo gusurwa mu ngo ituma abayobozi babona neza ubuzima abaturage babamo, yaba abifashije, abakennye cyangwa abafite ibibazo by'amakimbirane.

Ati: "Iyo abayobozi babonye uko tubayeho bituma bafata ibyemezo bishingiye ku makuru nyayo, bigafasha gushaka ibisubizo birambye no guteza imbere imibereho y'abaturage."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Ngoma bwatangije gahunda yo kwegera abaturage no kubasura mu ngo zabo, mu rwego rwo kumenya ibibazo bibangamiye imibereho yabo no kubishakira ibisubizo birambye.

Iyo gahunda yiswe "Guca Ingando mu baturage" yashyizweho nyuma y'uko hagaragaye ko mu Mirenge itandukanye y'aka Karere hakiri ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage, birimo umwanda, imirire mibi, amakimbirane yo mu miryango ndetse n'ahataragezwa ibikorwa remezo.

Muri iyi gahunda, abakozi b'Akarere bigabanyijemo amatsinda asura abaturage urugo ku rundi, bakamenya imibereho ya buri muryango ndetse n'ibibazo bihari kugira ngo abafite ibibazo byihariye bafashwe cyangwa bahuzwe n'inzego zibishinzwe.

Iyi gahunda yatangirijwe mu Murenge wa Mutenderi, aho abayobozi b'Akarere, abahagarariye amashami atandukanye ndetse n'inzego z'umutekano biyemeje kwegera abaturage bakareba



**Abaturage barashima uburyo ubuyobozi bwamanutse bukabasanga aho batuye kubakemurira ibibazo**

imbogamizi bafite.

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage, Mukayiranga Marie Gloriose, yabwiye Imvaho Nshya ko iyi gahunda igamije kubona amakuru nyayo ku mibereho y'abaturage kugira ngo hafatwe ingamba zishingiye ku kuri.

Yagize ati: "Turi kugenda urugo ku rundi tureba uko umuturage abayeho. Turinjira mu nzu tukareba imibereho ye, isuku, ibyo atunze ndetse n'ubushobozi afite. Tureba niba bafite ubwiherero bwujuje ibisabwa, amatungo abafasha kubona indyo yuzuye n'uburyo bwo kubona imboga."

Yakomeje avuga ko ibi bifasha ubuyobozi kumenya abanyantege nke bakeneye ubufasha bwihariye kugira ngo bavanwe mu mibereho mibi, ndetse bikanafasha mu igenamigambi rishingiye ku bibazo byagaragaye mu baturage kugira ngo bishakirwe umuti urambye.

Ubuyobozi bw'Akarere ka Ngoma buvuga ko iyi gahunda izafasha aka Karere gukomeza kwesa imihigo no gukomeza ku mwanya wa mbere gafite mu mihigo y'uyu mwaka, umwanya bavuga ko badashaka gutakaza.

## ITANGAZO RY'ISOKO

ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO

Ikigo nderabuzima cya Kabgayi kiramenyesha ba Rwiyemezamirimo babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko gishaka gutanga isoko rikurikira:

| Nimero y'isoko | Izina ry'isoko |
|---|---|
| Isoko Nº 01/KABGAYI/2026-2027 | Gukora isuku y'ibikoresho,imbere mu nyubako n'ahazikikije ndetse n'ubusitani mu kigo nderabuzima cya Kabgayi |

Abifuza gupiganira iryo soko babona ibitabo bikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa ku kicaro cy'ikigo nderabuzima cya Kabgayi ahacungirwa amakuru y'ikigo nderabuzima (Data management) guhera tariki ya 07/05/2026 mu masaha ya Saa 9h00-15h00, amaze kwishyura amafaranga adasubizwa angana n'ibihumbi icumi by'amafaranga y'u Rwanda (10000 frw) ashyirwa kuri konti nimero :000560000174483 y'ikigo nderabuzima cya Kabgayi/DIOCESE DE KABGAYI V/C CENTRE ibarizwa muri Banki ya Kigali (B.K).

Amabahasha afunze neza arimo ibitabo bitatu (3) by'ipiganwa bifunze neza harimo icy'umwimerere (original) na copi ebyiri (2) agomba kuba yagejejwe mu biro by'ahacungirwa amakuru y'ikigo nderabuzima cya Kabgayi guhera saa tatu za mu gitondo (9h00) kugera saa cyenda z'umugoroba (15h00) bitarenze tariki ya 21/05/2026 saa yine n'igice (10h30) za mu gitondo. Amabahasha azafungurwa uwo munsi (21/05/2026) mu ruhame saa tanu z'amanywa mu cyumba cyahariwe urubyiruko mu kigo nderabuzima cya Kabgayi. Umunsi w'isura uteganyijwe tariki ya 14/05/2026 saa yine za mu gitondo(10h00).

Bikorewe i Kabgayi ku wa 06/05/2026

Umuyobozi w'ikigo nderabuzima cya Kabgayi

Soeur Mechtilde MUKASHYAKA

DISTRICT DE MUHANGA CENTRE DE SANTE KABGAYI DIOCESE DE KABGAYI

## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Umujyi wa Kigali
Akarere ka Kicukiro

UMURENGE WA NIBOYE

ITANGAZO RY'ISOKO

Umurenge wa Niboye uratumira ba rwiyemezamirimo, amakoperative na kampani zujuje ibyangombwa n'abandi babyifuza kandi babishoboye kuza gupiganira amasoko akurikira:

| Nº | Ubwoko bw'Isoko | Nomero y'Isoko ripiganirwa | Igiciro cy'igitabo | Igihe cyo gusura | Igihe cyo gutanga inyandiko z'ipiganwa | Igihe cyo gufungura inyandiko z'ipiganwa | Uburyo bw'Ipiganwa |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Gukora no gusana imodoka y'isuku n'umutekano mu Murenge wa Niboye | Nº 08/S/2025-2026/NIB-SECTOR | 10,000Frw | N/A | 20/05/2026 saa yine(10h00) | 20/05/2026 saa yine n'igice(10h30) | Ipiganwa risesuye |
| 2 | Kugemura ibikoresho byo mu biro (office furniture) | Nº 09/S/2025-2026/NIB-SECTOR | 10,000 Frw | N/A | 20/05/2026 saa yine(10h00) | 20/05/2026 saa yine n'igice(10h30) | Ipiganwa risesuye |

Inyandiko z'ipiganwa ziboneka mu bunyamabanga bw'Umurenge wa Niboye mu minsi yose y'akazi guhera kuwa 30/04/2026 nyuma yo kugaragaza ko wishyuye amafaranga **10000frw** adasubizwa kuri konti ya Rwanda Revenue Authority. Kwakira inyandiko z'ipiganwa biteganyijwe ku matariki yagaragajwe mu mbonerahamwe, mu bunyamabanga bw'Umurenge wa Niboye,gufungura izo nyandiko bizabera mu cyumba cy'inama cy'Umurenge wa Niboye ku masaha yavuzwe haruguru.

Bikorewe Niboye kuwa 27/04/2026.

**MUNYANTORE Jean Claude**
Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Niboye

Akarere ka Kicukiro B.P. 657 Kigali | Hotline: 4575 | niboye@kicukiro.gov.rw | www.kicukiro.gov.rw

## ITANGAZO RY'ISOKO

REPUBLIQUE DU RWANDA | ARCHIDIOCESE DE KIGALI

DISTRICT DE BUGESERA | CENTRE DE SANTE DE RILIMA

ITANGAZO RY'IPIGANWA

Ubuyobozi bw'Ikigonderabuzima cya Rilima buramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi, ko bifuza gutanga isoko ryo gukora isuku n'uburinzi mu Kigonderabuzima cya RILIMA giherereye mu Murenge wa Rilima, Akarere ka Bugesera, Intara y'Iburasirazuba.

Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa kiboneka mu biro by'ubunyamabanga bw'Ikigonderabuzima cya RILIMA uhereye ku itariki iri tangazo ryasohokeyeho mu **Mvaho Nshya**. Igitabo cy'amabwiriza y'ipiganwa gihabwa umaze kwishyura amafaranga y'u Rwanda ibihumbi icumi (10.000 Frw.) adasubizwa agashyirwa kuri konti **Nº100001227647** yitwa **RILIMA HEALTH CENTER** iri muri Banki ya Kigali (BK).

Gusura ahazakorerwa imirimo bizakorwa ku itariki ya 27/05/2026 guhera saa yine (10h00) zuzuye za mu gitondo. Ibitabo by'ipiganwa bigomba kuba byanditseho inyito y'isoko, byanditse neza kandi ari bine (4), bifunze neza, 1 ari umwimerere na kopi 3. Ibitabo by'ipiganwa bigomba kuba byageze ku biro by'ubunyamabanga bw'Ikigonderabuzima cya RILIMA bitarenze tariki ya 10/06/2026 saa tatu n'igice za mugitondo (09h30). Inyandiko zizaza nyuma y'iyi saha ntizizakirwa.

Gufungura amabahasha ni kuri uwo munsi saa yine za mu gitondo zuzuye (10h00) mu cyumba cy'inama cy'Ikigonderabuzima cya Rilima.

Bikorewe i Rilima, kuwa 08/05/2026.

KIGALI ARCHDIOCESE RILIMA HEALTH CENTER

Sr.Marie Grâce GAHONGAYIRE
Umuyobozi w'Ikigonderabuzima cya Rilima

Tél: +250781561220 Email: csrilima@yahoo.fr

## ITANGAZO RY'ISOKO

UR - HG Ltd
University of Rwanda-Holdings Group Ltd

**DENTAL SURGEON VACANCY POSITION AT UR HG LTD ANNOUNCEMENT**

University of Rwanda Holdings Group Limited (UR - HG Ltd) is a limited company fully owned by University of Rwanda, (UR). Its business activities aim to optimize UR assets for the benefits of university.

UR HG Ltd/Polyclinic would like to recruit the motivated and experienced Dental Surgeon able to work in its REMERA Branch, for more details visit UR and UR HG Ltd website respectively; www.ur.ac.rw and https//holdingsgroup.ur.ac.rw/

| Post& Grade | Job summary | Key basic requirements | Number |
|---|---|---|---|
| Dental Doctor /Dental Surgeon G-4(C) | Attend assigned patients and support/advise junior Clinicians staff when needed during health care services provision | • Be licensed by health professional council, 3 years of relevant experience with a coordination/supervision role will be added advantage. | 1 |

Interested applicants should submit copies of application letter, C.V, copies of certificates and Identity cards or passports as well as valid License of practice delivered by health professional councils in one pdf document via email to: urhg.recruitment@gmail.com, with cc to: ceo.urholdings@gmail.com, fm.urhg@gmail.com. not later than **Monday 11/05/2026**. only short-listed candidates will be contacted.

**Important Notice:** Applications not submitted in **one single PDF file** will be automatically rejected.

For more information, including detailed terms and conditions, please visit the official websites of UR-HG LTD (www.holdingsgroup.ur.ac.rw) and the University of Rwanda (www.ur.ac.rw).

**Done at Kigali on 05/05/2026**

**UR-HG Ltd**
**Management**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU CYO KUGIRISHA INGWATE ICYEMEZO NOMERO 026-090495 CYO KUWA 21/04/2026 USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA UBUTAKA BURI MU KIBANZA GIFITE UPI: 1/02/11/05/4506, IFITE UBUSO BUNGANA NA 715 Sqm N'AGACIRO KANGANA NA 17.880.000FRW GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA KARAMBO, AKAGARI KA MUKUYU, UMURENGE WA NDERA, AKARERE KA GASABO MU MUJYI WA KIGALI.

CYAMUNARA KU NSHURO YA MBERE: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 24/05/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 31/05/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 2: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 02/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 09/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 3: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 11/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 18/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW KUKO ARIHO IPIGANWA RIKORERWA KANDI BAKABANZA KWISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA 894.000FRW AHWANYE NA 5% BY'AGACIRO K'UMUTUNGO UGURISHWA KAVUZWE HARUGURU. AYO MAFARANGA AGASHYIRWA KURI KONTI YITWA AUCTION FUNDS MINIJUST IRI MURI BANKI YA KIGARI. UZABA YATSINZE IPIGANWA AZISHYURA MUGIHE CYAMASAHA 72 KURI KONTI 1020408497500101 IRI MURI VISION FUND RWANDA MU MAZINA YA KARIGIRWA ZAINABU

TUBONEYEHO KWIBUTSA BANKI, NYIRIGUHABWA INGUZANYO NA BANYIRUMUTUNGO KO BAGOMBA KUDUHA UMWIRONDORO WABO KUGIRA NGO TUBAHUZE N'URUBUGA RWASHYIRIWEHO KURANGIZA INYANDIKO MPESHA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA (IECMS) BITYO BAZABASHE GUKURIKIRANA IBIJYANYE NIYI CYAMUNARA NDETSE NO KUBA BAHAKANA IGICIRO KININI KIZABA CYATANZWE NTIBAKISHIMIRE KIKABA KITAGEZE KURI 75% BYAGACIRO KU MUTUNGO UGURISHWA KANDI IBYO BIGAKORWA KURI CYAMUNARA YA MBERE NIYA 2 KUKO KURI CYAMUNARA YA NYUMA UWATANZE IGICIRO KININI NIWE WEGUKANA UMUTUNGO UPIGANIRWA.

GUSURA INGWATE BIKORWA KUVA IGIHE IPIGANWA RITANGIRIYE BURI MUNSI MU MINSI YAKAZI KUVA SAA TATU ZA MUGITONDO KUGEZA SAA KUMI ZUMUGOROBA.

KU BINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI TELEPHONE IGENDANWA 0788686978.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

ME KARIGIRWA ZAINABU

KARIGIRWA Zainabu
USHINZWE GUCUNGA INGWATE
Tel: 0788686978

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

RDB | RWANDA DEVELOPMENT BOARD

**ITANGAZO RIGENEWE ABABEREWEMO UMWENDA**

Umwanditsi Mukuru ashingiye ku cyemezo cy'urukiko **RCOM Nº 00818/2025/TC, cyo ku wa 20/11/2025,** gitegeka ishyirwa mu gihombo rya sosiyete **KWESE FREE TV RWANDA LIMITED (Sosiyete)** aramenyesha abantu bose iyo sosiyete yaba ibereyemo umwenda ko basabwe kwiyandikisha mu biro by'Umwanditsi Mukuru babinyujije kuri: info.registrar@rdb.rw bitarenze tariki ya **22/05/2026.**

Buri muntu wese uberewemo umwenda agomba kugaragaza ibimenyetso byawo.

Ku bindi bisobanuro mwahamagara kuri telefoni itishyurwa 1415 cyangwa mukatwandikira kuri email yavuzwe haruguru.

**Kigali 22/04/2026**

**KAYIGI KAJUGA Leon**
**Umwanditsi Mukuru w'Agateganyo**

**PUBLIC NOTICE FOR CREDITORS**

Pursuant to Court Decision **RCOM Nº 00818/2025/TC, of 20/11/2025** ordering the liquidation of **KWESE FREE TV RWANDA LIMITED (The company),** the Registrar General informs the general public that anyone having a claim against **the company** is requested to register his/her claim with the Office of the Registrar General through email: info.registrar@rdb.rw no later than the 22nd **May 2026.** Every claim must be submitted with supporting documents.

For any clarifications, please contact us at 1415 or the email: info.registrar@rdb.rw .

**Kigali on 22/04/2026**

**KAYIGI KAJUGA Leon**
**Acting Registrar General**

## ITANGAZO RY'ISOKO

Repubulika y'u Rwanda
Intara y'amajyepfo
Akarere ka Muhanga
Umurenge wa Shyogwe

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO RYO GUSANA IBIRO BY'AKAGARI KA KININI**

Ubuyobozi bw'Umurenge wa Shyogwe buramenyesha ba Rwiyemezamirimo/Company babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko wifuza gutanga isoko ryo **gusana ibiro by'Akagari ka Kinini mu Murenge wa Shyogwe.**

Abifuza gupiganira iri soko ryavuzwe haruguru bashobora kubona igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa mu bunyamabanga rusange bw'umurenge, nyuma yo kwishyura amafaranga ibihumbi icumi (10,000Frw) y'igitabo cy'ipiganwa agashyirwa kuri konti ya RRA DECENTRARIZED TAXES/MUHANGA DISTRICT Nº: **00040-00636210-20** iri muri BK.

Ibitabo bipiganira isoko ba rwiyemezamirimo bazabigeza mu biro by'Ubunyamabanga rusange bw'Umurenge wa Shyogwe bitarenze kuwa 15/05/2026 saa yine za mugitondo (10:00 am). Gufungura amabaruwa y'abapiganwe bizakorwa kuri iyo tariki I saa yine n' igice (10h30am) ku biro by'Umurenge wa Shyogwe.

Gusura ahazasanwa ku Biro by'Akagari ka Kinini bizakorwa ku wa 12/05/2026, bikazayoborwa n'Umukozi Ushinzwe Ubutaka Ibikorwaremezo n'Imiturire mu murenge wa Shyogwe,Isaha yo guhaguruka ni saa yine zuzuye(10:00AM) ku biro by'Umurenge wa Shyogwe

**Bikorewe i Shyogwe kuwa 04/05/2026**

**NSENGIMANA Oswald**
**Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Shyogwe**

## ITANGAZO RYO KUMENYESHA

RDB | RWANDA DEVELOPMENT BOARD

**ITANGAZO RIGENEWE ABABEREWEMO UMWENDA**

Umwanditsi Mukuru ashingiye ku cyemezo cy'urukiko **RCOM Nº01287/2023/TC, cyo ku wa 23/12/2024,** gitegeka ishyirwa mu gihombo rya sosiyete **TIGER GIN Ltd (Sosiyete)** aramenyesha abantu bose iyo sosiyete yaba ibereyemo umwenda ko basabwe kwiyandikisha mu biro by'Umwanditsi Mukuru babinyujije kuri: info.registrar@rdb.rw bitarenze taliki ya **22/05/2026.**

Buri muntu wese uberewemo umwenda agomba kugaragaza ibimenyetso byawo.

Ku bindi bisobanuro mwahamagara kuri telefoni itishyurwa 1415 cyangwa mukatwandikira kuri email yavuzwe haruguru.

**Kigali 29/04/2026**

**KAYIGI KAJUGA Leon**
**Umwanditsi Mukuru w'Agateganyo**

**PUBLIC NOTICE FOR CREDITORS**

Pursuant to Court Decision **RCOM Nº01287/2023/TC, of 23/12/2024** ordering the liquidation of **"TIGER GIN Ltd"**, the Registrar General informs the general public that anyone having a claim against (**the company**) is requested to register his/her claim with the Office of the Registrar General through email: info.registrar@rdb.rw no later than **22nd/05/2025**. Every claim must be submitted with supporting documents.

For any clarifications, please contact us at 1415 or email: info.registrar@rdb.rw.

**Kigali on 29/04/2026**

**KAYIGI KAJUGA Leon**
**Acting Registrar General**

# ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HARANGIZWE ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU MURI RDB GIFITE NUMERO: **Ref.N°: 026-080955 yo kuwa 09/04/2026 00335/2026/RCV/ORG** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HAGAMIJWE KWISHYURA UMWENDA WA BANKI;

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE **M° KARARA Emmanuel** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA KU NSHURO YA YAMBERE UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU ufite **UPI: 5/06/10/02/84** uherereye mu **Mudugudu wa RUBAGABAGAAkagari ka KIBATSI , Umurenge wa RUKIRA , Akarere ka NGOMA, Intara y'UBURASIRAZUBA.**

, KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA WA BANKI ;

**UKO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA:**

| CYAMUNARA | UMUNSI/ UKWEZI CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO,I KANARANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO YA 1 | Guhera tariki ya **08/05/2026 saa munani kugeza tariki ya 15/05/2026 saa munani 14h00** | SAA MUNANI 14H00 |
| INSHURO 2 | Guhera tariki ya **17/05/2026 saa munani kugeza tariki ya 24/05/2026 saa munani 14h00** | SAA MUNANI 14H00 |
| INSHURO YA 3ARI NAYO YA NYUMA | Guhera tariki ya **26/05/2026 saa munani kugeza tariki ya 02/06/2025 saa munani 14h00** | SAA MUNANI 14H00 |

UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BUNGANA NA **$M^2$ 24.369** (sqm).UKABA UFITE AGACIRO KANGANA NA **(70.055.600 Rwf.). INGWATE Y'IPIGANYWA INGANA NA 5% N'UKUVUGA 3.505.780 Frw** YISHYURWA KURI KONTI YA MIMIJUSTIN

CYAMUNARA IZAKORWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA, ABIFUZA GUPIGANWA BAZABIKORA BACIYE K'URUBUGA: WWW.CYAMUNARA.GOV.RW.

GUSURA UMUTUNGO BIZAJYA BIKORWA MU MINSI NO MU MASAHA Y'AKAZI.

- ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NUMERO YA TELEPHONE IGENDANWA IKURIKIRA: **0788830615**
- IFOTO N'IGENAGACIRO BY'UMUTUNGO UGURISHWA BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA RIBONEKA K'URUBUGA : WWW.CYAMUNARA.GOV.RW

**N.B:** UZABA YATSINDIYE KWEGUKANA UYU MUTUNGO AZISHYURA ACISHIJE UBWISHYU BWE KURI KONTI N°: konti **N° 7081177** yanditse mumazina ya Me **KARARA Emmauel** iri muri **CSS**

BIKOREWE I KIGALI KUWA **24/04/2026**
**Me KARARA Emmanuel**
**Ushinzwe kugurisha ingwate**

Me KARARA Emmanuel
Tel:0788830615
USHINZWE GUCUNGA INGWATE

# ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HARANGIZWE ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU MURI RDB GIFITE NUMERO: **Ref.N°: 026-081485 yo kuwa 09/04/2026 00321/2026/RCV/ORG** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HAGAMIJWE KWISHYURA UMWENDA WA BANKI;

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE **M° KARARA Emmanuel** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA KU NSHURO YA YAMBERE UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU ufite **UPI: 5/01/06/04/1118** uherereye mu **Mudugudu wa Nyarugarama Akagari ka KARITUTU , Umurenge wa MUHAZI , Akarere ka RWAMAGANA, Intara y'UBURASIRAZUBA.**

, KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA WA BANKI ;

**UKO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA:**

| CYAMUNARA | UMUNSI/ UKWEZI CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO,I KANARANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO YA 1 | Guhera tariki ya **08/05/2026 saa munani kugeza tariki ya 15/05/2026 saa munani 14h00** | SAA MUNANI 14H00 |
| INSHURO 2 | Guhera tariki ya **17/05/2026 saa munani kugeza tariki ya 24/05/2026 saa munani 14h00** | SAA MUNANI 14H00 |
| INSHURO YA 3ARI NAYO YA NYUMA | Guhera tariki ya **26/05/2026 saa munani kugeza tariki ya 02/06/2025 saa munani 14h00** | SAA MUNANI 14H00 |

UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BUNGANA NA **$M^2$ 514** (sqm).UKABA UFITE AGACIRO KANGANA NA **(34,740,000 Rwf.). INGWATE Y'IPIGANYWA INGANA NA 5% N'UKUVUGA 1,737,000 Frw** YISHYURWA KURI KONTI YA MIMIJUSTIN

CYAMUNARA IZAKORWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA, ABIFUZA GUPIGANWA BAZABIKORA BACIYE K'URUBUGA: WWW.CYAMUNARA.GOV.RW.

GUSURA UMUTUNGO BIZAJYA BIKORWA MU MINSI NO MU MASAHA Y'AKAZI.

- ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NUMERO YA TELEPHONE IGENDANWA IKURIKIRA: **0788830615**
- IFOTO N'IGENAGACIRO BY'UMUTUNGO UGURISHWA BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA RIBONEKA K'URUBUGA : WWW.CYAMUNARA.GOV.RW

**N.B:** UZABA YATSINDIYE KWEGUKANA UYU MUTUNGO AZISHYURA ACISHIJE UBWISHYU BWE KURI KONTI N°: konti **N° 7081177** yanditse mumazina ya Me **KARARA Emmauel** iri muri **CSS**

BIKOREWE I KIGALI KUWA **24/04/2026**
**Me KARARA Emmanuel**
**Ushinzwe kugurisha ingwate**

Me KARARA Emmanuel
Tel:0788830615
USHINZWE GUCUNGA INGWATE

# ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU CYO KUGIRISHA INGWATE ICYEMEZO NOMERO 026-093538 CYO KUWA 23/04/2026 USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA INZU IRI MU KIBANZA GIFITE UPI: 1/01/03/03/2180, IFITE UBUSO BUNGANA NA 180Sqm N'AGACIRO KANGANA NA 11.780.000FRW GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA GITICYINYONI, AKAGARI KA NYABUGOGO, UMURENGE WA KIGALI, AKARERE KA NYARUGENGE MU MUJYI WA KIGALI.

CYAMUNARA KU NSHURO YA MBERE: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 24/05/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 31/05/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 2: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 02/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 09/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 3: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 11/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 18/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW KUKO ARIHO IPIGANWA RIKORERWA KANDI BAKABANZA KWISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA 589.000FRW AHWANYE NA 5% BY'AGACIRO K'UMUTUNGO UGURISHWA KAVUZWE HARUGURU. AYO MAFARANGA AGASHYIRWA KURI KONTI YITWA AUCTION FUNDS MINIJUST IRI MURI BANKI YA KIGARI. UZABA YATSINZE IPIGANWA AZISHYURA MUGIHE CYAMASAHA 72 KURI KONTI 1020408497500101 IRI MURI VISION FUND RWANDA MU MAZINA YA KARIGIRWA ZAINABU

TUBONEYEHO KWIBUTSA BANKI , NYIRIGUHABWA INGUZANYO NA BANYIRUMUTUNGO KO BAGOMBA KUDUHA UMWIRONDORO WABO KUGIRA NGO TUBAHUZE N'URUBUGA RWASHYIRIWEHO KURANGIZA INYANDIKO MPESHA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA (IECMS) BITYO BAZABASHE GUKURIKIRANA IBIJYANYE NIYI CYAMUNARA NDETSE NO KUBA BAHAKANA IGICIRO KININI KIZABA CYATANZWE NTIBAKISHIMIRE KIKABA KITAGEZE KURI 75% BYAGACIRO KU MUTUNGO UGURISHWA KANDI IBYO BIGAKORWA KURI CYAMUNARA YA MBERE NIYA 2 KUKO KURI CYAMUNARA YA NYUMA UWATANZE IGICIRO KININI NIWE WEGUKANA UMUTUNGO UPIGANIRWA.

GUSURA INGWATE BIKORWA KUVA IGIHE IPIGANWA RITANGIRIYE BURI MUNSI MU MINSI YAKAZI KUVA SAA TATU ZA MUGITONDO KUGEZA SAA KUMI ZUMUGOROBA.

KU BINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI TELEPHONE IGENDANWA 0788686978.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

ME KARIGIRWA ZAINABU

KARIGIRWA Zainabu
USHINZWE GUCUNGA INGWATE
Tel 0788686978

# ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU CYO KUGIRISHA INGWATE ICYEMEZO NOMERO 026-062966 CYO KUWA 17/03/2026 USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA UBUTAKA BURI MU KIBANZA GIFITE UPI: 5/05/11/04/2303, BUFITE UBUSO BUNGANA NA 11.239 Sqm N'AGACIRO KANGANA NA 7.305.000FRW BUHEREREYE MU MUDUGUDU WA NYARWAMURA, AKAGARI KA KIYANZI, UMURENGE WA NYAMUGARI, AKARERE KA KIREHE MU NTARA YIBURASIRAZUBA.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 3: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 10/05/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 17/05/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW KUKO ARIHO IPIGANWA RIKORERWA KANDI BAKABANZA KWISHYURA INGWATE Y'IPIGANWA INGANA NA 365.250FRW AHWANYE NA 5% BY'AGACIRO K'UMUTUNGO UGURISHWA KAVUZWE HARUGURU. AYO MAFARANGA AGASHYIRWA KURI KONTI YITWA AUCTION FUNDS MINIJUST IRI MURI BANKI YA KIGARI. UZABA YATSINZE IPIGANWA AZISHYURA MUGIHE CYAMASAHA 72 KURI KONTI 1020408497500101 IRI MURI VISION FUND RWANDA MU MAZINA YA KARIGIRWA ZAINABU

TUBONEYEHO KWIBUTSA BANKI , NYIRIGUHABWA INGUZANYO NA BANYIRUMUTUNGO KO BAGOMBA KUDUHA UMWIRONDORO WABO KUGIRA NGO TUBAHUZE N'URUBUGA RWASHYIRIWEHO KURANGIZA INYANDIKO MPESHA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA (IECMS) BITYO BAZABASHE GUKURIKIRANA IBIJYANYE NIYI CYAMUNARA NDETSE NO KUBA BAHAKANA IGICIRO KININI KIZABA CYATANZWE NTIBAKISHIMIRE KIKABA KITAGEZE KURI 75% BYAGACIRO KU MUTUNGO UGURISHWA KANDI IBYO BIGAKORWA KURI CYAMUNARA YA MBERE NIYA 2 KUKO KURI CYAMUNARA YA NYUMA UWATANZE IGICIRO KININI NIWE WEGUKANA UMUTUNGO UPIGANIRWA.

GUSURA INGWATE BIKORWA KUVA IGIHE IPIGANWA RITANGIRIYE BURI MUNSI MU MINSI YAKAZI KUVA SAA TATU ZA MUGITONDO KUGEZA SAA KUMI ZUMUGOROBA.

KU BINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI TELEPHONE IGENDANWA 0788686978.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

ME KARIGIRWA ZAINABU

KARIGIRWA Zainabu
USHINZWE GUCUNGA INGWATE
Tel:0788686978

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU CYO KUGIRISHA INGWATE ICYEMEZO NOMERO 026-0903095 CYO KUWA 23/04/2026 USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA INZU IRI MU KIBANZA GIFITE UPI: 5/03/13/04/2464, GIFITE UBUSO BUNGANA NA 633 Sqm N'AGACIRO KANGANA NA 6.255.000FRW GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA REBERO, AKAGARI KA MATARE, UMURENGE WA RUGARAMA, AKARERE KA GATSIBO MU NTARA YIBURASIRAZUBA.

CYAMUNARA KU NSHURO YA MBERE: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 29/05/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 05/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 2: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 07/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 14/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 3: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 16/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA RIZARANGIRE KUWA 23/06/2026 I SAA SITA ZAMANWA.

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW KUKO ARIHO IPIGANWA RIKORERWA BAKABANZA KWISHYURA KANDI 312.750FRW YINGWATE YIPIGANWA KURI KONTI YA MINIJUST IRI MURI BK. IYA KONTI BAZAHABWA NA SYSTEM MUGIHE CYIPIGANWA. UZABA YATSINZE IPIGANWA AZISHYURA MUGIHE CYAMASAHA 72 KURI KONTI 1020408497500101 IRI MURI VISION FUND RWANDA MU MAZINA YA KARIGIRWA ZAINABU

TUBONEYEHO KWIBUTSA BANKI , NYIRIGUHABWA INGUZANYO NA BANYIRUMUTUNGO KO BAGOMBA KUDUHA UMWIRONDORO WABO KUGIRA NGO TUBAHUZE N'URUBUGA RWASHYIRIWEHO KURANGIZA INYANDIKO MPESHA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA (IECMS) BITYO BAZABASHE GUKURIKIRANA IBIJYANYE NIYI CYAMUNARA NDETSE NO KUBA BAHAKANA IGICIRO KININI KIZABA CYATANZWE NTIBAKISHIMIRE KIKABA KITAGEZE KURI 75% BYAGACIRO KU MUTUNGO UGURISHWA KANDI IBYO BIGAKORWA KURI CYAMUNARA YA MBERE NIYA 2 KUKO KURI CYAMUNARA YA NYUMA UWATANZE IGICIRO KININI NIWE WEGUKANA UMUTUNGO UPIGANIRWA.

GUSURA INGWATE BIKORWA KUVA IGIHE IPIGANWA RITANGIRIYE BURI MUNSI MU MINSI YAKAZI KUVA SAA TATU ZA MUGITONDO KUGEZA SAA KUMI ZUMUGOROBA.

KU BINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI TELEPHONE IGENDANWA 0788686978.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

ME KARIGIRWA ZAINABU

KARIGIRWA Zainabu
USHINZWE GUCUNGA INGWATE
Tel:0788686978

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRA NGO HARANGIZWE ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU MURI RDB GIFITE **N° O26-093104** CYO KUWA **23/04/2026** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HAGAMIJWE KWISHYURA UMWENDA W'IKIGO CY'IMALI ;

USHINZWE KUGURISHA INGWATE **ME UWAMAHORO CHANTAL** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA **INZU YO GUTURAMO** IBARUYE KURI **UPI: 5/05/05/04/2760** IHEREREYE MU MUDUGUDU WA **KARENGE**, AKAGALI KA **NYABIKOKORO**, UMURENGE WA **KIREHE**, AKARERE KA **KIREHE**, INTARA **Y'IBURASIRAZUBA;**

**UKO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA :**

| CYAMUNARA (INSHURO) | UMUNSI, UKWEZI CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO, IKANARANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO YA 1 | IZATANGIRA KUWA 18/05/2026 IRANGIRE KUWA 25/05/2026 | SAA TANU Z'AMANYWA (11H00) |
| INSHURO YA 2 | IZATANGIRA KUWA 27/05/2026 IRANGIRE KUWA 03/06/2026 | SAA TANU Z'AMANYWA (11H00) |
| INSHURO YA 3 | IZATANGIRA KUWA 05/06/2026 IRANGIRE KUWA 12/06/2026 | SAA TANU Z'AMANYWA (11H00) |

- UBUSO BW'UMUTUNGO NI **266 SQM** ;
- AGACIRO KARI KU ISOKO NI **5,290,000FRW**,
- INGWATE Y'IPIGANWA NI **5%** AHWANYE NA **264,500 FRW** Y'AGACIRO KARI KU ISOKO K'UMUTUNGO URI KUGURISHWA YISHYURWA KURI KONTI YA MINISITERI Y'UBUTABERA UPIGANWA AHABWA ABANJE KUBISABIRA UBURENGANZIRA MURI SYSTEME YA CYAMUNARA.
- USHAKA GUPIGANWA ATANGA IBICIRO BINYUZE KU RUBUGA RW'INYANDIKOMPESHA ZIRANGIZWA ARIRWO : **WWW.IECMS.GOV.RW;**
- GUSURA BIZABA TALIKI YA **19, 20, 21** NA **22** Z'UKWEZI KWA **GICURASI 2026** BURI GIHE BIZATANGIRA **SAA TANU ZA MU GITONDO (11H00')** KUGEZA **SAA CYENDA Z'AMANYWA (15H00) ;**
- UZATSINDIRA CYAMUNARA AZISHYURA KURI KONTI N° **200043878750001/ FRW** YA **UWAMAHORO CHANTAL** IRI MURI **VISIONFUND RWANDA (Vfr) LTD .**

UWAKENERA IBINDI BISOBANURO YAHAMAGARA KURI TELEFONI N°**0788494064.**

BIKOREWE I **KIGALI**, KUWA **05/05/2026**

**USHINZWE KUGURISHA INGWATE**
**MAîTRE UWAMAHORO CHANTAL**

Me UWAMAHORO Chantal
APPOINTED RECEIVER
Tel 0788494064
E-mail: uwamahorochant...977@gmail.com

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

MU RWEGO RWO GUSHYIRA MUBIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU CYO KUGIRISHA INGWATE ICYEMEZO NOMERO 025-277444 CYO KUWA 18/12/2025 USHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA UBUTAKA BURI MU KIBANZA GIFITE UPI: 2/08/05/05/4409, GIFITE UBUSO BUNGANA NA 554 Sqm N'AGACIRO KANGANA NA 3.320.000FRW GIHEREREYE MU MUDUGUDU WA NYAGISOZI, AKAGARI KA NTEKO, UMURENGE WA MUGINA, AKARERE KA KAMONYI MU MAJYEPFO.

CYAMUNARA KU NSHURO YA 3: IPIGANWA MU BURYO BWIKORANABUHANGA RIZATANGIRA KUWA 12/02/2026 I SAA MOYA ZA MUGITONDO RIZARANGIRE KUWA 19/02/2026 I SAA MOYA ZA MUGITONDO.

ABIFUZA GUPIGANWA BOSE BAGOMBA KWIYANDIKISHA KU RUBUGA WWW.CYAMUNARA.GOV.RW KUKO ARIHO IPIGANWA RIKORERWA. UZABA YATSINZE IPIGANWA AZISHYURA MUGIHE CYAMASAHA 72 KURI KONTI 1020408497500101 IRI MURI VISION FUND RWANDA MU MAZINA YA KARIGIRWA ZAINABU

TUBONEYEHO KWIBUTSA BANKI , NYIRIGUHABWA INGUZANYO NA BANYIRUMUTUNGO KO BAGOMBA KUDUHA UMWIRONDORO WABO KUGIRA NGO TUBAHUZE N'URUBUGA RWASHYIRIWEHO KURANGIZA INYANDIKO MPESHA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA (IECMS) BITYO BAZABASHE GUKURIKIRANA IBIJYANYE NIYI CYAMUNARA NDETSE NO KUBA BAHAKANA IGICIRO KININI KIZABA CYATANZWE NTIBAKISHIMIRE KIKABA KITAGEZE KURI 75% BYAGACIRO KU MUTUNGO UGURISHWA KANDI IBYO BIGAKORWA KURI CYAMUNARA YA MBERE NIYA 2 GUSA KUKO KURI CYAMUNARA YA NYUMA UWATANZE IGICIRO KININI NIWE WEGUKANA UMUTUNGO UPIGANIRWA.

GUSURA INGWATE BIKORWA KUVA IGIHE IPIGANWA RITANGIRIYE BURI MUNSI MU MINSI YAKAZI KUVA SAA TATU ZA MUGITONDO KUGEZA SAA KUMI ZUMUGOROBA.

KU BINDI BISOBANURO MWAHAMAGARA KURI TELEPHONE IGENDANWA 0788686978.

USHINZWE KUGURISHA INGWATE

ME KARIGIRWA ZAINABU

KARIGIRWA Zainabu
USHINZWE GUCUNGA INGWATE
Tel:0788686978

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRA NGO HASHYIRWE MU BIKORWA ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU/RDB No: **026- 081476** CYO KUWA **09/04/2026.** HISHYURWA UMWENDA WA BANKI.

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MU CYAMUNARA UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'IKIBANZA CYUBATSE MO INZU KIBARUWE KURI **UPI: 5/07/12/01/4955;** UHEREREYE MU MUDUGUDU WA **GITEGA,** AKAGARI KA **KABEZA,** UMURENGE WA **RILIMA,** AKARERE KA **BUGESERA,** INTARA Y'IBURASIRAZUBA.

| INSHURO | UMUNSI/UKWEZI/ISAHA | UMWAKA |
|---|---|---|
| INSHURO YA 1 | Kuva 10/05 saa tanu(11h) kugeza 17/05 saa tanu(11h) | 2026 |
| 2 | Kuva 19/05 saa tanu(11h) kugeza 26/05 saa tanu(11h) | 2026 |
| 3 | Kuva 28/05 saa tanu(11h) kugeza 04/06 saa tanu (11h) | 2026 |

UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BUNGANA NA **354** $m^2$ UKABA UFITE AGACIRO KANGANA NA MILIYONI CUMI NA ZIRINDWI, N'IBIHUMBI MAGANA ABIRI MIRONGO ITANDATU NA BITATU **(17,263,200 FRW)**

CYAMUNARA IZAKORWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA, ABIFUZA GUPIGANWA BAZABIKORA BACIYE KURUBUGA : **WWW.CYAMUNARA.GOV.RW** BAKABA BASABWA KUBANZA KWISHYURA AMAFARANGA Y'IPIGANWA ANGANA NA 5% Y'IGICIRO FATIZO CYA **17,263,200 FRW ARIYO 863,160 FRW, INGWATE Y'IPIGANWA YISHYURWA UKURIKIJE UKO SISTEMU IPIGANIRWAMO YUBATSE HAKORESHEJWE URUBUTO, AMAFARANGA AGASHYIRWA KURI KONTI YABUGENEWE IBIKA INGWATE ICUNGWA NA MINIJUST (** www.cyamunara.gov.rw **).**

GUSURA UMUTUNGO BIKORWA BURI MUNSI MU MASAHA Y'AKAZI.

IFOTO Y'UMUTUNGO N'IGENAGACIRO RYAWO BIBONEKA KURUBUGA **WWW. CYAMUNARA.GOV.RW**

NB: UZEGUKANA UMUTUNGO AZISHYURA IGICIRO YATANZE KURI KONTI **Nº: 7064244** YANDITSE KU MAZINA YA **HABINSHUTI Joseph Desire** ; IRI MURI **Zigama Css** ; AHEREYE KU NGWATE Y'IPIGANWA YARI YISHYUYE .

UWAKENERA IBISOBANURO BIRAMBUYE YAHAMAGARA TELEPHONE IGENDANWA: 0788426730.

Bikorewe I Kigali kuwa 29/04/2026

**UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE**

**Me HABINSHUTI Joseph Desire**

## ITANGAZO RYA CYAMUNARA

KUGIRANGO HARANGIZWE ICYEMEZO CY'UMWANDITSI MUKURU MURI RDB GIFITE NUMERO: **Ref.Nº: 026-077513 yo kuwa 02/04/2026 00334/2026/RCV/ORG** CYO KUGURISHA INGWATE MURI CYAMUNARA HAGAMIJWE KWISHYURA UMWENDA WA BANKI;

UWASHINZWE KUGURISHA INGWATE **Mᵉ KARARA Emmanuel** ARAMENYESHA ABANTU BOSE KO AZAGURISHA MURI CYAMUNARA KU NSHURO YA YAMBERE UMUTUNGO UTIMUKANWA UGIZWE N'INZU ufite **UPI: 1/03/08/03/2744** uherereye mu **Mudugudu wa KIBANDE Akagari ka GAKO , Umurenge wa MASAKA , Akarere ka KICUKIRO, UMUJYI WA KIGALI.**

, KUGIRA NGO HISHYURWE UMWENDA WA BANKI ;

**UKO CYAMUNARA ZIZAKURIKIRANA BINYUZE MU BURYO BW'IKORANABUHANGA:**

| CYAMUNARA | UMUNSI/ UKWEZI CYAMUNARA IZATANGIRIRAHO,I KANARANGIRIRAHO | ISAHA |
|---|---|---|
| INSHURO YA 1 | Guhera tariki ya **08/05/2026 saa munani kugeza tariki ya 15/05/2026 saa munani 14h00** | SAA MUNANI 14H00 |
| INSHURO 2 | Guhera tariki ya **17/05/2026 saa munani kugeza tariki ya 24/05/2026 saa munani 14h00** | SAA MUNANI 14H00 |
| INSHURO YA 3ARI NAYO YA NYUMA | Guhera tariki ya **26/05/2026 saa munani kugeza tariki ya 02/06/2025 saa munani 14h00** | SAA MUNANI 14H00 |

UMUTUNGO UGURISHWA UFITE UBUSO BUNGANA NA $M^2$ **452** (sqm).UKABA UFITE AGACIRO KANGANA NA **(23.836.000 Rwf.). INGWATE Y'IPIGANYWA INGANA NA 5% N'UKUVUGA 1,191.800 Frw** YISHYURWA KURI KONTI YA MIMIJUSTIN

CYAMUNARA IZAKORWA MU BURYO BW'IKORANABUHANGA, ABIFUZA GUPIGANWA BAZABIKORA BACIYE K'URUBUGA: WWW.CYAMUNARA.GOV.RW.

GUSURA UMUTUNGO BIZAJYA BIKORWA MU MINSI NO MU MASAHA Y'AKAZI.

- ABIFUZA IBINDI BISOBANURO BABARIZA KURI NUMERO YA TELEPHONE IGENDANWA IKURIKIRA: **0788830615**
- IFOTO N'IGENAGACIRO BY'UMUTUNGO UGURISHWA BIBONEKA HAKORESHEJWE UBURYO BW'IKORANABUHANGA RYO KURANGIZA INYANDIKOMPESHA RIBONEKA K'URUBUGA : WWW.CYAMUNARA.GOV.RW

N.B: UZABA YATSINDIYE KWEGUKANA UYU MUTUNGO AZISHYURA ACISHIJE UBWISHYU BWE KURI KONTI Nº: konti **Nº 7081177** yanditse mumazina ya Me **KARARA Emmauel** iri muri **CSS**

BIKOREWE I KIGALI KUWA **24/04/2026**
**Me KARARA Emmanuel**
**Ushinzwe kugurisha ingwate**

Me KARARA Emmanuel
Tel:0788830615
USHINZWE GUCUNGA INGWATE




**Urubyiruko rwiyemeje gukumira no kurwanya uwo ari we wese wagerageza kugarura ingengabitekerezo ya Jenoside**

# INES - Ruhengeri: Biyemeje kurwanya uwagarura ingengabitekerezo ya Jenoside

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Urubyiruko rwo mu Karere ka Musanze, by'umwihariko abiga mu Ishuri Rikuru ry'Ubumenyi Ngiro rya INES-Ruhengeri, rwiyemeje gukumira no kurwanya uwo ari we wese wagerageza kugarura amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside mu Rwanda. Uru rubyiruko rwabigarutseho ku wa Gatandatu tariki ya 09 Gicurasi 2026 ubwo abanyeshuri biga muri INES-Ruhengeri bibukakaga ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Nyuma yo gukora urugendo rwo kwibuka no gusura Urwibutso rwa Jenoside rwa Musanze, bamwe mu banyeshuri baganiriye n'umunyamakuru w'Imvaho Nshya bavuga ko urubyiruko ari rwo rukwiye gufata iya mbere mu gukumira Jenoside no kwamagana abayipfobya cyangwa abayikwirakwiza.

Umwe mu banyeshuri yavuze ko hari bamwe mu babyeyi n'abayobozi babibye urwango rushingiye ku moko, amadini n'Uturere, ari byo byaje kuvamo Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Yakomeje ahamya ko nyuma y'imyaka 32, urubyiruko rw'ubu rudakwiye guha umwanya abahirahira babiba urwango n'amacakubiri, cyangwa abagerageza gukwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside n'igisa na yo cyose.

Yagize ati: "Bamwe mu bayobozi n'ababyeyi bacu bigishije ivangura rishingiye ku moko, Uturere n'amadini, byose byaganishaga kuri Jenoside. Ariko hari urubyiruko rwitandukanyije n'ikibi rufata iya mbere mu kuyihagarika. Iyo Igihugu gifite urubyiruko rudafite ibitekerezo bizima kiba kirimu kaga. Natwe twiyemeje kurwanya uwo ari we wese wagerageza kongera gukwirakwiza ayo macakubiri."

Mugenzi we witwa Habarurema Joel na we avuga ko urubyiruko rw'uyu munsi rudakwiye kwemera kugwa mu mutego w'abakwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside cyane cyane ku mbuga nkoranyambaga. Ati: "Uyu munsi abarwanya ubumwe bw'Abanyarwanda benshi bakoresha imbuga nkoranyambaga. Nk'urubyiruko twiyemeje kubamagana no kubanyomoza aho banyuza ubutumwa bwabo hose. Tugomba gukoresha ubumenyi twigira hano mu kurinda amateka Igihugu cyacu cyanyuzemo."

Uwera Claudine we yavuze ko kwibuka bibafasha kurushaho gusobanukirwa agaciro k'ubumwe n'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda. Ati: "Kwibuka bitwigisha ko Jenoside itatunguranye ahubwo yateguwe igihe kirekire. Iyo twumvise ubuhamya n'amateka y'ibyabaye, bituma twiyemeza ko tutazigera twemera amacakubiri ayo ari yo yose. Nk'urubyiruko dufite inshingano zo kubaka Igihugu kirangwa n'urukundo n'ubumwe."

Umwe mu babyeyi wari witabiriye iki gikorwa na we yanenze bamwe mu bari ababyeyi mbere no mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 batoje abana babo urwango n'ingengabitekerezo ya Jenoside. Yagize ati: "Birababaje kubona hari ababyeyi bareze abana babo babatoza urwango no kureba bagenzi babo nk'abanzi. Jenoside ntiyazanywe n'abana, yateguwe n'abayobozi harimo n'ababyeyi. Uyu munsi dukwiye kurera abana tubatoza urukundo, ubumuntu no gukunda Igihugu kugira ngo amateka mabi atazongera kubaho ukundi."

Umuyobozi wa INES Ruhengeri, Padiri Dr. Jean Bosco Baribeshya, yavuze ko kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ari umwanya wo gukomeza kuzirikana abazize Jenoside no kwigisha urubyiruko amateka nyayo y'u Rwanda.

Yagize ati: "Kuri twe iki gikorwa cyo kwibuka ni umwanya wo kwifatanya n'Abanyarwanda bose baburiye ababo muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ni n'umwanya kandi wo kwigisha abanyeshuri bacu ko ivangura iryo ari ryo ryose ritegura Jenoside, kandi ko bo nk'abahanga b'ejo hazaza bagomba gufata iya mbere mu kuyirwanya."

Padiri Dr. Baribeshya yasabye abiga amashuri makuru na kaminuza kwiga neza ariko banakunda Igihugu kuko mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 hari abari abanyabwenge bakoze Jenoside kandi ari bo bakabaye barafashe iya mbere mu kuyirwanya.

# Davido agiye gushimirwa guteza imbere umuziki w'Abirabura ku Isi

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umuhanzi w'icyamamare muri Nigeria na Afurika muri rusage Davido, yashyizwe ku rutonde rw'abahanzi bazahabwa icyubahiro cy'ibyamamare byakoze amateka mu muziki no mu myidagaduro y'Abirabura ku Isi muri gahunda yiswe 'Black Music and Entertainment Walk of Fame' 2026. Ni ibirori bitegurwa hagamijwe guha icyubahiro abahanzi bakoze amateka mu myidagaduro y'ababirabura ikaba yarashinzwe mu 2021.***

Abategura 'Black Music and Entertainment Walk of Fame' babinyujije ku mbunga nkoranyambaga zabo banditse bati: " Dutewe ishema no gutangaza umunyacyubahiro wacu wo mu mpeshyi Davido, azahabwa icyubahiro cy'imbaraga yashyize mu kumenyekanisha Afrobeat ku Isi, Davido yafashije mu kugeza umuziki wa Afurika imbere ku rubyiniro mpuzamahanga […]"

Mu gutanga icyo cyubahiro ku bahanzi baba batoranyijwe, aho byabereye hashyirwa ibyapa bya 'bronze' na zahabu ku muhanda, byanditseho amazina y'ibyamamare n'ibigo byatanze umusanzu udasanzwe mu muziki no mu myidagaduro.

Davido wavukiye muri Amerika agakurira muri Nigeria, amaze kuba umwe mu bahanzi bafite izina rikomeye mu gukora neza injyana ya Afrobeats ku rwego mpuzamahanga. Mu rugendo rwe rw'umuziki amaze gukusanya abarenga miliyari eshanu bumvise indirimbo ze kuri murandasi kandi amashusho y'indirimbo ze amaze kurebwa inshuro zirenga miliyari 1.2.



Umuhanzi Davido agiye gushimirwa kumenyekanisha Afrobeat ku Isi

Mu 2023, yabaye umuhanzi wa mbere wo muri Afurika ugejeje alubumu ye ku mwanya wa mbere kuri 'iTunes Album Chart' binyuze kuri alubumu ye yise Timeless, yanamuhesheje guhatana mu byiciro bitatu muri Grammy Awards.

Alubumu ye ya gatanu yise 5IVE, yasohotse muri Mata 2025, na yo yamuhesheje guhatana mu byiciro bibiri birimo n'icya 'Best African Music Performance' muri Grammy Awards za 68. Ibyatumye abarwa nk'umuhanzi umaze guhatana mu byiciro bitanu muri Grammy Awards. Guhabwa icyo cyubahiro kuri Davido bigaragaza indi ntambwe ishimangira uko injyana ya Afrobeats aririmbamo ikomeje kwigarurira Isi no guhabwa agaciro mu ruhando mpuzamahanga rw'umuziki.

Uretse Davido uzahabwa icyo cyubahiro harimo ibindi byamamare nka Ludacris, umwe mu baraperi bakoze amateka muri Atlanta, umaze kugurisha kopi za alubumu ze zirenga miliyoni 24 ku Isi ndetse akaba afatwa nk'umuraperi wagurishije cyane kurusha abandi.

Abategura 'Black Music and Entertainment Walk of Fame' batangaje ko icyiciro cya 2026 kiri mu bikomeye byabayeho kuva iyi gahunda ryatangira mu myaka itanu ishize. Biteganyijwe ko uwo muhango uzaba tariki ya 1 Kamena 2026, ukazabera mu gace ka Historic Westside mu Mujyi wa Atlanta, hafi ya Stade ya Mercedes-Benz Stadium.

# Jojo yanyuzwe n'ibiganiro yagiranye na Minisitiri Utumatwishima

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umwanditsi unakina filimi 'Intimba ya Lavie', Niyonsenga Joselyne uzwi cyane nka Jojo, yatangaje ko ibiganiro bagiranye na Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi Dr. Utumatwishima Abdallah, byamukoze ku mutima ndetse bikamwongerera imbaraga zo gukomeza gukora cyane.***

Ni nyuma y'uko Itsinda ry'abakinnyi ba FilimI 'Intimba ya Lavie' bakiriwe mu Biro bya Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi ku wa 8 Gicurasi 2026, bakanaganira kuri byinshi harimo no guha umurongo mwiza ubuhanzi bwabo nkuko Minisitiri Dr Utumwatwishima yabitangaje ku rubuga rwa X.

Yanditse ati: "Naganiriye n'abakina Filimi yitwa 'Intimba ya Lavie'. Nababwiye ngo hari ibihugu Imana yahaye impano y'ubukungu budasanzwe nk'amabuye y'agaciro na peteroli. Iyo batabikoresheje neza bihinduka umutwaro kuri bo. Ni kimwe n'impano. Iyo utayikoreye inzira nziza irahomba."




Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi Dr. Utumatwishima Abdallah agira inama abahanzi gukoresha neza impano zabo

Aganira n'itangazamakuru Jojo yatangaje ko igikorwa cyo guhura n'umuyobozi ubafite mu nshingano nk'abahanzi byamushimishije cyane kandi byamuteye imbaraga nk'umugore wahagurukiye kwiteza imbere no guteza imbere abo bakorana.

Ati: "Ndumva nishimye cyane. Kandi birantera imbaraga zo kukomeza gukora cyane kuko njyewe ngamije kwiteza imbere nk'umugore, nkanateza imbere abo nkoresha cyangwa abo dukorana kuko bose barahembwa.

Ikindi, buriya kubona abayobozi bakuru b'Igihugu bakurikirana ibikorwa by'abahanzi, ni kimwe mu bituma abakora cinema bagira icyizere cy'ejo hazaza h'uru rwego."

Mu bindi Minisitiri yaganiriye nabo bakinnyi yanagaragaje ko ari inama yanagenera urundi rubyiruko rw'abahanzi harimo kwita ku gusaba ubufasha mu mategeko no gusesengura amasezerano, gushaka ubufasha mu bucuruzi, icungamutungo no kugurisha, kwimenyekanisha no kubaka izina, gusaba ubufasha mu bijyanye n'ubuzima bwo mu mutwe, ababwira ko kubyikorera byabahombya ndetse bikanasenya izina riba ryarabagoye kubaka.

Intimba ya Lavie ni Filimi iri mu zikomeje kuvugwaho ku mbuga nkoranyambaga kubera inkuru yayo, uburyo ikinwamo ndetse n'ubwitange bw'abayikoraho, aho iyo filimi ikubiyemo inkuru y'uko wakora cyane ukiteza imbere mu buryo bw'amikoro.

# Rayon Sports yatsinze Marines FC izamura amahirwe make ku Gikombe cya Shampiyona



**Rayon Sports yatsinze Marines FC ibitego 2-1**

**Shema Ivan**

***Rayon Sports yatsinze Marines FC ibitego 2-1 mu mukino w'Umunsi wa 31 wa Shampiyona y'u Rwanda wabereye kuri Kigali Pele Stadium, ku mugoroba wo kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 9 Gicurasi 2026.***

Ni umukino watangiye wihuta ku mpande zombi, buri kipe igerageza kurema uburyo bwo gutsinda igitego hakiri kare, ariko bakagorwa no kubyaza umusaruro amahirwe babonaga imbere y'izamu. Mu minota 15, Rayon Sports yihariye umupira hagati mu kibuga harimo umupira uteretse Tony Kitoga yateye ukurwaho na Usabimana Olivier n'umutwe.

Ku munota wa 26, Marines FC yashoboraga gufungura amazamu ku mupira Ndikumana Fabio yahaye Mbonyumwami Taiba ari mu rubuga rw'amahina, ariko Kwizera Olivier aramutanga awufata neza.

Ku munota wa 35, Rayon Sports yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na myugariro Bishira Latif ku kazi gakomeye kakozwe na Mugisha Didier wabanje gucenga myugariro wa Marines.

Iyi kipe yakomerejeho bidatinze ku munota wa 40 yatsinze igitego cya kabiri cyinjijwe na Ndikumana Asman ku mupira na Bigirimana Abedi yamuhaye, yinjira mu rubuga rw'amahina, aroba Sugira Ruhumuriza Clovis umupira uruhukira mu izamu. Igice cya mbere cyarangiye Rayon Sports itsinze Marines FC ibitego 2-0.

Mu igice cya kabiri, Marines FC yagarukanye imbaraga nyinshi ishaka kugabanya umwenda harimo ishoti Sibomana Sultan Bobo yateye, umupira ukora ku mukinnyi wa Rayon Sports ujya muri koruneri itagize icyo itanga.

Ku munota wa 57, Rayon Sports yibwiraga ko yatsinze igitego cya gatatu cyinjijwe na Ndikumana Asman, ariko umusifuzi Ntirenganya Elie uri ku ruhande agaragaza ko habayeho kurarira. Ku munota wa 58, umutoza wa Marines FC, Rwasamanzi Yves yakoze impinduka Mbonyumwami Taiba asimburwa na Nyarugabo Moise.

Mu minota 60, Marines FC yakomeje gusatira ishaka kwishyura nibura igitego kimwe muri bibiri ariko abakinnyi bayo barimo Sibomana Sultan Bobo bakagorwa no kubyaza umusaruro amahirwe babonaga imbere y'izamu.

Ku munota wa 70, Nyarugabo Moise yatsindiye Marines FC igitego cyo kwishyura ku mupira wo hasi yateye Kwizera Olivier awukurikiza amaso ujya mu izamu. Iminota 10 ya nyuma yaranzwe no gusatira kwa Marines FC yashakaga igitego cya kabiri cyo kwishyura, ariko ubwugarizi n'umunyezamu ba Rayon Sports bakomeza kwihagararaho.

Umukino warangiye Rayon Sports yatsinze Marines FC ibitego 2-1, izamura amahirwe yayo make mu guhatanira igikombe cya Shampiyona. Gikundiro yagize amanota 51 ku mwanya wa kane mu gihe Marine FC yagumanye amanota 41 ku mwanya wa munani.

Indi mikino yakinwe, Police FC yagumye ku mwanya wa gatandatu n'amanota 47 nyuma yo kunganyiriza na Musanze FC ubusa ku busa kuri Stade Ubworoherane. Mukura VS yagize amanota 45 ku mwanya wa karindwi itsinze Gorilla FC ibitego 2-1 naho Gicumbi FC itsinda Bugesera FC ibitego 2-1.

# Volleyball: APR WVC yatwaye igikombe cya Shampiyona y'abagore

**SHEMA Ivan**

***APR WVC yegukanye igikombe Shampiyona y'Icyiciro cya mbere muri Volleyball y'Abagore 2025/26 itsinze Kepler WVC, mu gihe mu bagabo Police VC yatsinzwe na REG VC inanirwa kucyegukana.***

Ku wa Gatandatu, tariki 9 Gicurasi 2025, ni bwo muri Petit Stade hakinwe imikino ya gatatu nyuma ya kamarampaka muri Shampiyona ya Volleyball mu bagabo no mu bagore.

Umukino wabanjirije indi ni uwo guhatanira umwanya wa gatatu mu bagore, wegukanywe na Police WVC nyuma yo gutsinda RRA imikino 3-0.

Umukino wa gatatu wabaye ku wa Gatandatu, warangiye Police WVC itsinze amaseti 3-2 (18-25, 25-14, 25-21, 22-25, 15-9).

Uyu mukino wakurikiwe n'uwa nyuma wahuje APR WVC na Kepler WVC, aho Ikipe y'Ingabo z'Igihugu yasabwaga gutsinda kugira ngo yegukane iri rushanwa.



**APR WVC yegukanye igikombe cya Shampiyona y'Icyiciro cya mbere muri Volleyball y'Abagore 2025 26**

Nk'uko byari byitezwe, iyi kipe yitwaye neza itsinda Kepler WVC amaseti 3-2 (22-25, 25-17, 25-20, 16-25, 15-10), ihita yegukanye igikombe kuko yatsinze imikino itatu ku busa.

Nyuma y'uyu mukino hakurikiyeho uwa Police VC yari ifite intsinzi ebyiri, ikaba na yo yasabwaga gutsinda iya gatatu igahita yegukana igikombe bitagombereye imikino itanu.

REG VC iherutse kwegukana umwanya wa gatatu mu Mikino Nyafurika ihuza amakipe yabaye aya mbere iwayo, yakomerejeho yigarurira

amahirwe yo guhatanira igikombe cya Shampiyona ya Volleyball, nyuma kubona intsinzi ya mbere muri Kamarampaka.

Iyi kipe ya Sosiyete y'u Rwanda ishinzwe ingufu yabigezeho nyuma yo gutsinda Police VC amaseti 3-1 (25-22, 26-24, 20-25, 25-22), bituma ikipe y'abashinzwe umutekano inanirwa kwegukana igikombe kuko yasabwaga gutsinda gusa.

Amakipe yombi azagaruka mu kibuga ku wa Gatandatu tariki ya 16 Gicurasi 2026, aho REG VC nitsinda hazakinwa undi mukino wa nyuma, ariko Police VC yatsinda igahita itwara igikombe ku nshuro ya mbere kuva yashingwa.

Imvaho Nshya
# Siporo



Nº. E-59 TARIKI 4 - 10 GICURSI 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# APR FC yatsinze AS Kigali isatira kwegukana igikombe cya Shampiyona

SHEMA Ivan

***APR FC yatsinze AS Kigali ibitego 2-1 mu mukino w'umunsi wa 31 wa Shampiyona y'u Rwanda, isatira kwegukana igikombe cya Shampiyona y'uyu mwaka kuko ari yo kipe yo mu Rwanda ihagaze neza.***

Uyu mukino wabereye kuri Kigali Pele Stadium, ku mugoroba wo kuri iki Cyumweru, tariki ya 10 Gicurasi 2026.

APR FC ni yo yatangiye neza umukino bidatinze ku munota wa cyenda Cheikh Djibril Ouattara yafunguye ku mupira yateye ugendera hasi uruhukira mu izamu.

Mu minota 20, AS Kigali yinjiye mu mukino itangira gusatira ishaka igitego cyo kwishyura harimo umupira Sunday Inemesit Akang yateye ari mu rubuga rw'amahina unyura ku ruhande gato.

Iyi kipe yakomeje kugendera muri uwo mujyo harimo umupira Sunday Inemesit yahaye Ndayishimiye Didier, uwuteye ukurwamo neza n'umunyezamu Hakizimana Adolphe.

Mu minota 35, Umupira wakomeje kwiharirwa cyane na AS Kigali mu kibuga, ariko abakinnyi bayo basatira bakagorwa no kubyaza umusaruro amahirwe babonaga imbere y'izamu.

Igice cya mbere cyarangiye APR FC itsinze AS Kigali igitego 1-0.

Mu igice cya kabiri, iyi kipe ifashwa n'Umujyi wa Kigali yagarukanye imbaraga bidatinze ku munota wa 47, Iyabivuze Osee yishyuye igitego ku mupira Ndayishimiye Didier yamuhaye awushyira mu izamu.

Nyuma y'umunota umwe, APR FC yahise isubiza ku mupira Djibril Ouattara yatanze mu rubuga rw'amahina, Kiwanuka awukoraho usanga William Togui wateye ishoti rifata umutambiko w'izamu, umupira ujya hejuru.

Ku munota wa 60, Umunyezamu Hakizimana Adolphe yakoreye APR FC, akuramo umupira ukomeye wari utewe na Sinary Diarra.

Ku munota wa 67, Umutoza wa APR FC yakoze impinduka Memel Dao asimburwa na Ruboneka Jean Bosco.

Izi mpinduka zafashije APR FC gusatira ishaka igitego cya kabiri

Ku munota wa 74, Ngabonziza Pacifique yatsindiye APR FC igitego cya kabiri n'umutwe wari uvuye kuri Niyomugabo Claude.

Iminota 10 ya nyuma yarazwe no gusatira cyane kwa AS Kigali yashakaga igitego cyo kwishyura harimo umupira ukomeye Hakizimana Adolphe yakuyemo usa n'uwageze ku murongo.

Umukino warangiye APR FC yatsinze AS Kigali ibitego 2-1. isatira kwegukana igikombe cya Shampiyona y'uyu mwaka kuko ari yo kipe yo mu Rwanda ihagaze neza.



APR FC yatsinze AS Kigali isatira kwegukana igikombe cya Shampiyona

APR FC yafashe umwanya wa kabiri n'amanota 59, ikurikiye ya Al-Hilal ya mbere n'amanota 70 mu mikino 30 nyuma yo gutsinda AS Muhanga ibitego 2-0 byinjijwe na Ahmed Salem na Girumugisha Jean Claude mu gihe Al-Merrikh SC ifite amanota 58 ku mwanya wa gatatu ariko mu mikino 29.



Queen Kalimpinya yegukanye umwanya wa kabiri mu Cyiciro cya kabiri (ARC2) muri Shampiyona Nyafurika

# *Queen Kalimpinya yitwaye neza muri Shampiyona Nyafurika ya Rally*

SHEMA Ivan

***Umunyarwandakazi Queen Kalimpinya, wari uhagarariye u Rwanda mu bakinnyi barenga 50 bitabiriye Shampiyona Nyafurika yo gusiganwa mu modoka, yegukanye umwanya wa kabiri mu Cyiciro cya Kabiri (ARC2).***

Ku wa Gatandatu, tariki ya 9 Gicurasi 2026, ni bwo mu mihanda yo mu Mujyi wa Mbarara muri Uganda hakiniwe rimwe mu masiganwa y'imodoka akomeye muri Afurika abera mu mihanda y'igitaka ya 'Pearl of Africa Uganda Rally 2026'.

Kalimpinya utari witabiriye umunsi wa mbere, yakinnye ku munsi wa nyuma ndetse yitwara neza mu cyiciro yari ahatanyemo cya ARC2 cyarimo imodoka esheshatu.

Muri iki cyiciro Umunyakenya, Samman Vohra ukinana na Drew Sturrock mu modoka ya Skoda Fabia Evo, ni we wahize abandi akurikirwa na Queen Kalimpinya wakinanaga na Gasarabwe Alain bari mu modoka ya Subaru Impreza WRX STi 4 D R4. Mu cyiciro cya mbere cya Shampiyona Nyafurika cyegukanywe na Karan PATEL wakinanaga na Tauseef Khan.

Biteganyijwe ko amasiganwa ya Shampiyona Nyafurika azakomereza mu Rwanda, hakinwa Rwanda Mountain Gorilla Rally, iteganyijwe guhera tariki ya 10 kugeza ku ya 12 Nyakanga 2026.